
# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-30 | TARIKI 9-15 NZERI 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw




AMAKURU



U Rwanda na Liberia byemeranyije gukuraho Visa

8

AMAKURU



Impinduka mu Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'u Rwanda mu 2025

9

AMAKURU



NCDA yasabye abikorera gushyiraho amarerero y'abana aho bakorera

12

IMYIDAGADURO



Rev. Past. Rutayisire yashyizwe mu bazigisha mu gitaramo cya Korali Baraka

26

## Impamvu abaturage ba Mozambique basaba kurindwa n'Ingabo z'u Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Abaturage bo muri Mozambique bakomeje gusaba ubuyobozi kugumana no kongera Inzego z'umutekano z'u Rwanda kugira ngo zibamurureho ibyihebe byongeye kubura umutwe.***

Umutwe w'iterabwoba wari umaze imyaka ine utsimbuwe mu Ntara ya Cabo Delgado muri Mozambique, wongeye kubura umutwe ugaba ibitero ku baturage bo mu Karere ka Mocimboa da Pria birimo n'ibyagabwe mu ijoro ryo ku wa 7 Nzeri 2025.

Ibyo bitero byasize abaturage batandatu bahasize ubuzima, barimo abapolisi babiri n'umwarimu umwe, ibyo byihebe bikaba byaragabye ibitero bigendera mu modoka ya Polisi ya Mozambique yo mu bwoko bwa Mahindra.

KOMEZA KU RUP.3

# Uruzinduko rwa Perezida Kagame muri Qatar mu nshamake



**Perezida Paul Kagame yagiranye ibiganiro na Emir wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani**

**ZIGAMA THEONESTE**

***Mu mpera z'icyumweru gishize, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yagiriye uruzinduko rw'akazi rw'iminsi ibiri i Doha, aho yagiranye ibiganiro na Emir wa Qatar Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani.***

Ni ibiganiro byibanze ku mubano ushingiye ku bushuti burangwa hagati y'ibihugu byombi, uburyo bwo kuwuteza imbere mu nzego zitandukanye, ndetse no gukemura ibibazo by'Akarere hagamijwe amahoro n'ituze ku nyungu z'abaturage.

Perezida Kagame yanamaganye igitero cyakozwe na Isiraheli ku butaka bwa Qatar tariki ya 9 Nzeri 2025, anemeza ko u Rwanda ruri ku ruhande rwa Qatar mu gushyigikira ibikorwa byo kubungabunga ubwigenge n'ubusugire bw'ubutaka bwayo.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Minisitiri Amb. Nduhungirehe yasuye ingoro ndangamurage ya Liberia

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier, yasuye ingoro ndangamurage ya Liberiya, ahabona byinshi bikungahaye ku mateka n'umuco***



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Olivier yagiriye uruzinduko muri Liberia**

Yaboneyeho kwifatanya n'urubyiruko rwo muri Liberiya rwize mu Rwanda, yumva ibyo banyuzemo, ubunararibonye anabifuriza kuzagera ku byo bateganya gukorwa mu bihe biri imbere.

Nk'uko byatangajwe na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET), Amb. Nduhungirehe yanabonanye kandi na Meya wa Monrovia, John-Charuk Sifa, baganiriye ku buryo bunoze bw'ubufatanye bwimbitse hagati y'imijyi ya Kigali na Monrovia.

Muri Monrovia, Minisitiri Amb. Nduhungirehe yabonanye na Senateri Ambaraham Darius Dillon, Perezida wa Komisiyo y'ububanyi n'amahanga ya Sena ya Liberiya. Ibiganiro byabo byibanze ku gushimangira ubufatanye bw'ibihugu byombi no guteza imbere dipolomasi z'Inteko zishinga Amategeko.

Ni nyuma yuko, Minisitiri Amb. Nduhungirehe i Monrovia mu ruzinduko rwe muri Liberiya, yagiranye inama na mugenzi we w'Ububanyi n'Amahanga muri icyo gihugu Sara Beysolow Nyanti.

Ba Minisitiri bombi bashyize umukono ku masezerano abiri, ariyo yo gushyiraho Komisiyo ihoraho y'ubufatanye n'amasezerano yo gukuraho Viza.

# U Rwanda mu mushinga w'inganda 2 z'icyayi zizinjiza miliyari 64 Frw

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko iri mu mushinga wo kubaka inganda ebyiri z'icyayi zizajya zinjiza amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 64 (miliyoni 45 z'amadolari y'Amerika) buri mwaka, avuye kuri toni zisaga ibihumbi 15 zizajya zitunganya zikagurishwa mu mahanga.***



**Umushinga wo kubaka inganda ebyiri z'icyayi zizinjiza amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 64**

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Cyubahiro Bagabe Mark yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 11 Nzeri 2025, ubwo yafunguraga ku mugaragaro uruganda rw'icyayi rwa Kibeho mu Karere ka Nyaruguru.

Uru ruganda rushya rufite ubushobozi bwo gutunganya toni 2 000, rukaba ari intambwe ya mbere mu ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga mugari, aho biteganywa ko ruzageza ku gutunganya toni 7 500.

Minisitiri Dr. Bagabe yavuze ko hari urundi ruganda ruteganyijwe kuzubakwa mu Murenge wa Munini w'Akarere ka Nyaruguru na rwo rukazajya rutunganya toni 7 500.

Yagize ati: "Amafaranga azava muri uyu mushinga angana na miliyoni 45 z'amadolari, 50% byayo akazagenerwa abaturage binyuze mu musaruro wabo."

Uyu mushinga wo kwita ku buhinzi bw'icyayi no kubaka inganda zigitunganya watangiye mu 2016, uteganya guhinga icyayi ku buso bwa hegitari 6 417, harimo 720 z'inganda na hegitari zisaga 5 600 z'abaturage.

Abahinzi basaga 7 000 ni bo bazajya basarura icyayi bagishyikirize inganda, kandi bazahabwa amahugurwa mu Rwanda no mu mahanga.

Inganda zitezweho guteza imbere abaturage

Umuyobozi Mukuru w'Umushinga Wood Foundation Africa (WFA) utera inkunga abahinzi b'icyayi mu Karere ka Nyaruguru, David Knopp, yavuze ko uyu mushinga uzagira uruhare rukomeye mu guteza imbere abahinzi n'Igihugu muri rusange, cyane ko ujyanye no kubaka imihanda, guhinga imirima mishya y'icyayi, no kongera ishoramari mu Karere ka Nyaruguru.

Ati: "Icyayi gifata imyaka itanu ngo gitange umusaruro, ariko mu myaka 10-12 iri imbere ni bwo tuzabona umusaruro mwiza cyane. Ni umushinga usaba ubufatanye bw'igihe kirekire hagati y'abaturage, Leta n'abafatanyabikorwa."

Felix Mutai, Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Browns Plantations Rwanda ucunga urwo ruganda, yasobanuye ko uruganda rwa Kibeho rwatashywe kuri ubu rukora ku kigero cya 30%, ariko rukazongera ubushobozi rugahinga neza, rugacuruza icyayi cyinshi mu myaka 3-4 iri imbere.

Kugeza ubu, abahinzi bakorana n'uruganda rwa Kibeho, bafite hegitari 2 500 (abagera ku 3 390), ariko biteganyijwe ko mu 2034 bazaba bageze kuri hegitari 6 400, zihingwa n'abahinzi barenga 10 000.

Abahinzi biteje imbere babikesha ubuhinzi bw'icyayi

Mutungirehe Alexis, umuhinzi w'icyayi wo mu Karere ka Nyaruguru, yavuze ko ubuhinzi bw'icyayi bwamuhinduriye ubuzima.

Ati: "Icyayi cyanjye kimaze imyaka ine. Iyo ndebye umusaruro wacyo, nyuma yo guhemba abakozi no kwishyura inguzanyo, nsigarana amafaranga asaga ibihumbi 800 y'u Rwanda, mu mezi umunani. Ibi byampesheje gutunga umuryango no guha akazi abandi."

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB), igaragaza ko mu myaka 7 ishize (2017-2024), Icyayi gusa cyinjirije u Rwanda amadovise miliyari zisaga 987 z'amafaranga y'u Rwanda, avuye muri toni 238 264 zoherejwe mu mahanga.

Gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka 5 yo guteza imbere ubuhinzi mu Rwanda (PST5) ya 2024-2029, igaragaza ko icyayi kizinjiriza u Rwanda tiriyali imwe na miliyari 28 z'amafaranga y'u Rwanda.





# Uruzinduko rwa Perezida Kagame muri Qatar mu nshamake

IBIKURIKIRA URUP.1

Yashimangiye ko icyo gitero gihonyora amategeko mpuzamahanga kandi gishyira mu kaga umutekano n'amahoro mu Karere Qatar iherereyemo.

Perezida Kagame yanashimye ibikorwa bya Qatar mu gufasha gukemura amakimbirane atandukanye ku Isi no mu Karere k'Ibiyaga Bigari u Rwanda ruherereyemo by'umwihariko.

Emir wa Qatar Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani we yashimangiye ko yishimira ubufatanye bw'u Rwanda na Perezida Kagame, ku bwo gushyigikira Qatar n'abaturage bayo.

Ibiro by'Umukuru w'Igihugu Village Urugwiro, byatangaje ko abo bayobozi bombi, bashimangiye ko hakenewe gukurikiza inshingano no gushaka umuti urambye w'intambara mu Karere.

Inama kandi yitabiriwe n'abayobozi bakuru b'Ibiro bya Emir na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Qatar n'abayobozi bakuru b'u Rwanda bari bagaragiye Perezida Kagame muri urwo ruzinduko rwasoje ku wa Gatandatu tariki ya 13 Nzeri 2025.



**Perezida Paul Kagame yagiranye ibiganiro na Emir wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani**

# Impamvu abaturage ba Mozambique basaba kurindwa n'Ingabo z'u Rwanda



**Inzego z'Umutekano zu Rwanda ziracyafite akazi katoroshye muri Mozambique**

IBIKURIKIRA URUP.1

Icyo ni cyo gitero cya mbere cyari kigabwe ku baturage ba Mocimboa da Pria bamaze gusubira mu byabo kuva muri Kanama 2024 ubwo ibyo byihebe byatsimburwaga aho byagize ibirindiro nyuma y'ukwezi kumwe gusa hageze Inzego z'umutekano z'u Rwanda.

Abaturage ba Mozambique bakomeje gusaba Guverinoma ya Mozambique kongera uburinzi bw'Inzego z'umutekano z'u Rwanda, bagaragaza ko ibice barinda byose bigoye kumenerwamo n'ibyihebe, ndetse n'iyo hagize ikibazo kivuka bagikemura mu maguru mashya.

Ibyo bishimangira ko Inzego z'umutekano z'u Rwanda zigifite akazi katoroshye muri Mozambique, ari na yo mpamvu hari itsinda ry'abasirikare n'abapolisi bitegura kujya muri ubwo butumwa bahawe impanuro ku wa Gatandatu tariki ya 13 Nzeri 2025.

Iryo tsinda rishya riyobowe na Gen Maj Vincent Gatama, rigiye gusimbura bagenzi babo bari bamaze igihe cy'umwaka muri ubwo butumwa bumaze imyaka isaga ine.

Perezida wa Mozambique Daniel Chapo aheruka mu ruzinduko mu Rwanda rwari rugamije gushimangira ubwo bufatanye butuma Inzego z'Umutekano z'u Rwanda zifasha icyo gihugu guhangana n'ibitero bishya by'umutwe w'iterabwoba wa Ahlu Sunnah Wal Jamaah (ASWJ).

Urwo ruzinduko rwasojwe no kuvugurura amasezerano yo guhangana n'iterabwoba rimaze gutuma abasaga 50 000 bongera guhunga ibyabo kugeza uyu munsi uhereye muri Nyakanga.

Raporo y'Ibiro by'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Guhuza Ibikorwa by'Ubutabazi (OCHA), ishimangira ko ibitero byagabwe mu mpera z'icyumweru gishize byaje byiyongera ku bindi byagabwe mu Karere ka Chiure muri Cabo Delgado, hagati y'itariki ya 24 Nyakanga n'itariki 3 Kanama 2025, byasize abaturage 51 959 biganjemo abana n'abagore bahunga ibyabo.



**Birakekwa ko hari abaturage baba bacumbikira ibyihebe**

Bivugwa ko ibitero n'ibikorwa bya kinyamaswa by'umutwe w'iterabwoba bikomeje kwiyongera no mu tundi turere turimo Ancuabe n'Akage ca Namapula, aho abaturage basaga ibihumbi 208 bagizweho ingaruka.

Imibare itangwa n'Ikigo FewsNet igaragaza ko muri rusange, ibitero bimaze kugabwa ku baturage guhera muri Nyakanga bigera kuri 47, byasize abaturage 29 bahasize ubuzima abandi 69 bagashimutwa.

Bivugwa kandi ko hagenda havuka indi mitwe y'iterabwoba itandukanye na ASWJ, ari na yo mpamvu abaturage ba Mozambique biteze byinshi ku bufatanye bw'u Rwanda na Mozambique.

Igihugu cya Mozambique gifite amateka yihariye mu guhangana n'ibitero by'iterabwoba kuva mu myaka ya 1970 ubwo cyahanganye n'abitwaga ba Renamo bashingiwe mu gihugu cyitwaga Rhodesia (ubu ni muri Zimbabwe) bashyigikiwe n'abakoraga ivangura ruhu muri Afurika y'Epfo.

# U Rwanda rubaye urwa 2 muri Afurika rutangije sisitemu irengera ibidukikije



U Rwanda rwatangije sisitemu Green Taxonomy izafasha gukora imishinga itangiza ibidukikije

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda ibinyujije muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), kuwa 11 Nzeri 2025 yatangije sisitemu yiswe 'Green Taxonomy' izafasha amabanki, ibigo by'ubucuruzi n'imari gukora imishinga itangiza ibidukikije.***

Green Taxonomy ni umurongo n'ibipimo ngenderwaho bishobora kwerekana niba umushinga uri gukora cyangwa ishoramari bishyigikira kandi ntibyangize ibidukikije.

Ni sisitemu isanzwe imenyerewe mu bihugu by'i Burayi, ariko ku mugabane wa Afurika ikaba yaratangiye gukoreshwa bwa mbere mu 2022 na Afurika y'Epfo, ubu u Rwanda rukaba rubaye urwa kabiri ku mugabane rutangije iyo sisiteme.

Igamije guhindura u Rwanda igihugu gifite ubukungu buhangana n'imihindagurikire y'ibihe kandi bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

Ni sisitemu nanone kandi izagena uko iyo mishinga izakorwa mu buryo burambye kandi bubungabunga ibidukikije.

Ubuyobozi bwa Minecofin bwatangaje ko ibigo by'imari, abakora imishinga n'abandi bakwiye kumva akamaro ka Green Taxonomy.

Asiimwe Hurbert, Umuyobozi ushinzwe guteza imbere urwego rw'imari muri Minecofin yavuze ko ubu bari kuganiriza abakora muri izo nzego kugira ngo babyumve neza kandi bishyirwe mu bikorwa bumva akamaro kabyo.

Yagize ati: "Niba uwo mushinga utangiza ibidukukije icyo twiteze ku bigo by'imari ni uko serivise z'imari zijyanye n'ibidukikije byashyirwa ku nyungu nto kugira ngo n'abantu bashobora kujya muri iyo mishinga bumve ko byoroheje."

Yongeyeho ko nta buryo Mpuzamahanga bwemewe u Rwanda rwari rufite bwo kubungabunga ibidukikije ariko uyu ari umurongo mwiza wo kubikora binyuze mu mishinga itandukanye.

Asiimwe avuga ko ubu gahunda yo kutangiza ibidukikije yari isanzwe ikoreshwa mu bikorwa by'ubwubatsi, ubwikorezi, n'ubuhinzi bitewe nuko ari zo nzego zashowemo amafaranga menshi ariko n'izindi zikaba zigiye gushorwamo.

Icyerekezo 2050, u Rwanda rwifuza kuba rufite izamuka ry'ubukungu n'iterambere bijyana n'inzira y'imikoreshereze n'imicungire y'umutungo kamere mu buryo burambye, hubakwa ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere ari na zo zigira uruhare mu kwangiza ibidukikije.

Kugera mu 2030, u Rwanda rwifuza kuzaba rwaragabanyije ku rugero rwa 38% ibyuka byangiza ikirere.

Leta y'u Rwanda ikaba iteganya ko amafaranga akenewe muri iryo shoramari azaturuka mu bikorwa bitandukanye, birimo inkunga z'amahanga n'ibikorwa by'ishoramari rishyirwa mu kurengera ibidukikije.

Biteganyijwe kandi ko hazahindurwa uburyo bwo guhinga bukozwe mu buryo burengera ibidukikije bikaba bizasaba ishoramari ryihariye rya miliyari 6,2 z'amadolari y'Amerika kugera mu 2050 ariko miliyari 5,6 z'amadolari zikaba zizava mu bikorera.

# U Rwanda rwakiriye inama n'imurikabikorwa bya 5 ku ngufu zisubira

ZIGAMA Theoneste

***Leta y'u Rwanda ibinyujije muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo ku bufatanye n'ihuriro ry'abikorera mu rwego rw'ingufu (EPD), Urwego rw'Igihugu rushinnzwe iterambere (RDB) n'abandi bafatanyabikorwa, yakiriye inama n'imurikabikorwa bya 5 byibanda ku guteza imbere ingufu zisubira hagamijwe iterambere rirambye.***

Ni inama yatangiye ku wa 9 Nzeri 2025 i Kigali, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Gushyigikira ahazaza h'urwego rw'ingufu muri Afurika: Guhanga ibishya, inzibacyuho n'ubuziranenge mu kubungabunga ibidukikije."

Iyo nama iteranye mu rwego rwo kongera kugaragaza umuhate wa Leta mu guteza imbere ingufu zitangiza ibidukikije kandi zirambye, zishingiye ku kwihutisha iterambere ririmo bose.

Ni igikorwa gikomeye gihuza abayobozi mu rwego rwa politiki, abashoramari, inzobere mu bushakashatsi, urubyiruko, n'abashoramari mpuzamahanga, bagamije kuganira no gusangira ubumenyi ku buryo Afurika yakwihutisha inzira yayo mu guhindura urwego rw'ingufu rugana ku zisubira.

Imurikabikorwa rizitabirwa n'abamurika barenga 10 baturutse mu Rwanda, bagaragaza udushya mu ngufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba, ku mazi, ku muyaga, ku bisigazwa by'ibinyabuzima (biomass), uburyo bwo kubika amashanyarazi ndetse n'amakuru y'ikoranabuhanga mu ngufu.

Rizaba urubuga rw'abashoramari mu kungurana ibitekerezo ku buryo bwo guteza imbere ubucuruzi bwabo, gushishikariza abantu kongera ishoramari, ndetse no gusangira ubumenyi hagati ya Guverinoma, abikorera n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, Amb. Uwihanganye Jean de Dieu yagize ati: "Inama n'imurikabikorwa by'ingufu zisubira byerekana ubushake budacogora u Rwanda rufite mu kubaka ubukungu burambye kandi burengera ibidukikije.



U Rwanda rwakiriye inama n'imurikabikorwa bya 5 byibanda ku guteza imbere ingufu zisubira

Si uguhishura gusa aho tugeze, ahubwo ni no guteza imbere ubufatanye bushya buzihutisha urugendo rwacu rugana ku mashanyarazi agera kuri bose n'iterambere rirambye."

Dr. Ivan Twagirashema, Umuyobozi wa EPD, yashimangiye ko uru rubyiruko rw'abikorera ari rwo shingiro ry'ejo hazaza h'ingufu zisubira mu Rwanda.

Yagize ati: "Ubufatanye nk'ubu bwerekana uruhare rukomeye rw'abikorera mu gushyiraho ejo hazaza harambye ku ngufu zisubira mu Rwanda. Duharanira kurema amahirwe azakomeza guteza imbere ishoramari, guhanga ibishya n'iterambere ritagira uwo riheza."

Iyi nama n'imurikabikorwa bya 5 bihuza u Rwanda n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga bikaba binashimangira umwanya igihugu gifite nk'imbarutso y'iterambere rishingiye ku ngufu zisubira, mu rwego rwo kugera ku cyerekezo 2050 ndetse no kugira uruhare mu ntego z'iterambere rirambye muri Afurika zo mu 2063.





# Umusaruro w'inganda wazamutseho 6.3% muri Nyakanga 2025

KAMALIZA Agnes

***Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, NISR yagaragaje ko umusaruro w'inganda wazamutseho 6.3% muri Nyakanga uyu mwaka ugereranyije na Nyakanga 2024.***

Iyo raporo yo ku wa 09 Nzeri 2025, yagaragaje ko amabuye y'agaciro na kariyeri byiyongereyeho 3.8%, amashanyarazi yiyongeraho 13.6%, ibikorerwa mu nganda zitandukanye byiyongeraho 4.1%, mu gihe amazi n'isukura ari 2%.

NISR yagaragaje ko mu kwezi kwa Kamena 2025, umusaruro w'inganda nabwo wiyongereyeho 8.5% ugereranyije n'ukwezi nk'uko mu 2024, ariko mu mwaka wose, ni ukuvuga kuva muri Kamena 2024 kugeza muri Kamena 2025, ukaba warazamutseho 6.4%.

Iyo raporo ya Kamena 2025, yanagaragaje ko umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri wazamutseho 17.7%, umusaruro w'inganda zikora ibicuruzwa bitandukanye uzamukaho 2.3%.

Ibyo ngo bikaba byaragizwemo uruhare n'umusaruro w'inganda zitunganya ibiribwa wazamutseho 24.6% ndetse n'izamuka ry'umusaruro w'inganda zikora ibikoresho bikomoka ku mabuye y'agaciro bitari ibyuma wazamutseho 28.9 %.

Muri gahunda ya kabiri ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere, (NST2 National Strategy for Transformation Phase2), umusaruro w'inganda witezwe ko buri mwaka uzajya wiyongera nibura ku kigero cya 10%.

Ni mu gihe muri gahunda ya mbere ya NST1, (2017-2024) yarangiye umusaruro w'inganda wikubye gatatu uva kuri miliyari 591 ugera kuri miliyari 1600 z'amafaranga y'u Rwanda.

Uko kwikuba kwagizwemo uruhare n'umusaruro w'ibiribwa utunganyirizwa mu nganda wikubye hafi inshuro eshatu, aho wavuye kuri miliyari 210 Frw mu mwaka wa 2017 ugera kuri miliyali 616 mu 2024.

Umusaruro w'ibinyobwa bitunganyirizwa mu Rwanda nawo wikubye hafi kabirii uva kuri miliyari 159 ugera kuri miliyari 265 Frw mu 2024.

Abakora mu nganda na bo bariyongereye bava ku bihumbi 180 mu 2017 bagera ku bihumbi 259 mu 2024, naho inganda zinjiriza u Rwanda umusoro urenga miliyari 459 Frw mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2023-2024, uvuye kuri miliyari 168 wariho mbere y'uwo mwaka.



Perezida Paul Kagame yagiranye ibiganiro na Emir wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani

# Perezida Kagame yakiriye Umuyobozi w'Ibiro by' Igihugu by'Itangazamakuru muri UAE

KAMALIZA Agnes

***Ku wa 09 Nzeri 2025, Perezida Paul Kagame yakiriye mu biro bye Sheikh Abdulla bin Mohammed bin Butti Al Hamed, Umuyobozi w'Ibiro by'Igihugu by'Itangazamakuru, (National Media Office) akaba n'Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi y'Urwego rw'Itangazamakuru muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE Media Council, UAEMC) baganira ku kunoza imikoranire mu by'itangazamakuru.***

Ibiganiro bya Sheikh Abdulla bin Mohammed bin Butti Al Hamed, n'itsinda ryamuherekeje na Perezida Kagame, byibanze ku gukomeza ubufatanye himakazwa uruhare rw'itangazamakuru mu guteza imbere umubano hagati ya UAE n'u Rwanda.

Impande zombi zisanzwe zaragiranye ibiganiro bigamije guhererekanya ubunararibonye, gutanga amahugurwa no guhuza imbaraga mu guteza imbere itangazamakuru rishingiye ku ikoranabuhanga.

U Rwanda na Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) bisanzwe bifitanye imikoranire mu nzego zitandukanye zirimo ubucuruzi n'ishoramari, imikoranire mu by'ingendo zo mu kirere, ubukungu, mu bya dipolomasi n'ibindi.

Umwaka ushize Leta y'u Rwanda na Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) byashyize umukono ku masezerano yimakaza iterambere ry'ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (Artificial Intelligence/AI), hagamijwe kuziba icyuho hagati y'iryo koranabuhanga n'ubukungu bw'Isi.

Muri uwo mwaka kandi ibihugu byombi byashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye mu kwimakaza iterambere rw'urwego rw'uburezi hagamijwe guhererekanya ubunararibonye, ubufatanye mu bushakashatsi, kubaka ubushobozi n'ibindi.

Ibihugu byombi binasanzwe bifitanya mu by'umutekano aho bihuruza hamwe kongerera ubushobozi abakozi no guhangana n'imbogamizi z'umutekano bigendanye n'aho Isi igeze muri ibi bihe by'iterambere ry'ikoranabuhanga.

# U Rwanda na Senegal byemeranyije guhererekanya serivisi z'indege

NTAWITONDAJean Claude

***U Rwanda na Senegal byasinyanye amasezerano yo guhererekanya serivisi z'indege (BASA), agamije kongerera imbaraga ubwikorezi bwo mu kirere bukorwa hagati y'ibihugu byombi.***

Ayo masezerano yasinywe ku wa Mbere tariki ya 8 Nzeri 2025 agamije guteza imbere ingendo z'indege hagati y'ibihugu byombi, afungurira amarembo Sosiyete Nyarwanda ikora Ubwikorezi bwo mu Kirere (RwandAir), yo gukorera ingendo zijya n'iziva muri Senegal.

Ku rundi ruhande, Air Senegal yabonye amahirwe yo gukorera ingendo mu kirere cy'u Rwanda nk'ikigo gikomeje kwiyubaka nyuma yo gushingwa mu mwaka wa 2016.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko amasezerano yasinywe akubiyemo intambwe ikomeye yo kurushaho kongerera imbaraga ukwihuza kw'ibihugu byombi, guteza imbere ubutwererane mu by'ubukungu ndetse no kurushaho kwagura amahirwe y'ubucuruzi hagati y'u Rwanda na Senegal.

Aya masezerano kandi ashimangira ubushake bw'ibihugu byombi bwo kurushaho kubyaza umusaruro Isoko Rusange ry'Afurika (AfCFTA), aho ubutwererane bw'ibihugu by'Afurika busaba ko bigirana imikoranire yoroshywa na serivisi z'ingendo zo mu kirere.

Nyakubahwa Yankhoba Dième, Minisitiri w'Ibikorwa remezo n'Ubwikorezi bwo mu Kirere muri Senegal, hamwe na Minisitiri Dr. Jimmy Gasore w'u Rwanda, ni bo bahagarariye ibihugu byabo mu muhango wo gusinya aya masezerano.

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr Jimmy Gasore, yashimangiye ko aya masezerano y'ubwikorezi bwo mu Kirere ari inkingi ikomeye mu gukomeza gutsura umubano mwiza usanzwe uri hagati y'u Rwanda na Senegal, ndetse no mu gushimangira ubufatanye mu rwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere.

Ku ruhande rwa Senegal, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo n'Ubwikorezi bwo mu Kirere Yankhoba Dième, na we yashimye iyo ntambwe nshya itewe mu kurushaho kwimakaza umubano w'ibihugu byombi.

Aya masezerano asinywe nyuma y'uko ku wa 31 Kanama, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yagiriye uruzinduko i Dakar muri Senegal aho yari yitabiriye Inama yiga ku mutekano w'ibiribwa muri Afurika.

# MININFRA yijeje gukemura burundu ibura ry'amazi mu myaka 2



**Ikibazo cy'ibura ry'amazi kirakorwaho ku buryo kizahinduka amateka**

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko mu myaka ibiri iri imbere ikibazo cy'ibura ry'amazi mu Rwanda kizaba cyakemutse burundu, cyane cyane mu Mujyi wa Kigali no mu tundi turere twibasiwe n'iki kibazo mu gihe cy'impeshyi.***

Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA, Amb. Uwihanganye Jean de Dieu, yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 11 Nzeri 2025, aho yagaragaje imishinga minini iri kubakwa izatuma ibura ry'amazi riba amateka.

Mu kiganiro na RBA, yagize ati: "Abaturage cyane cyane abo mu Mujyi wa Kigali bumve ko ikibazo cy'amazi atari karande. Turabizeza ko kizaba cyaragabanyutse mu mpeshyi y'umwaka utaha, ariko mu myaka ibiri kikazaba cyakemutse burundu."

Imishinga iri gukorwa

MININFRA yavuze ko uruganda rwa Nzove ruherereye hagati y'Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali n'aka Gakenke na Rulindo two mu Ntara y'Amajyaruguru, rutanga metero kibe 80 000 ku munsi, rugiye kwagurwa ku buryo ruzajya rutanga metero kibe 150 000.

Biteganyijwe ko mu 2026 ruzaba rwamaze kongeraho metero kibe 25 000, hanyuma ubundi bushobozi busigaye bukazagerwaho mu 2027.

Amb. Uwihanganye yavuze ko uru ruganda ruzunganirwa n'urugomero rwa Nyabarongo II, na rwo ruri gutunganywa ku buryo ingano y'amazi rwitezweho ishobora kurenga metero kibe 40.

Hari kandi uruganda rwa Karenge mu Karere ka Rwamagana, ruri hafi kuzura, ruzunganira mu kugeza amazi mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'urwa Kanzenze ruhuza Akarere ka Bugesera n'Umujyi wa Kigali, na rwo ruri kongererwa ubushobozi rukazuzura mu mwaka utaha.

MININFRA yemeje ko ikibazo cy'amazi kigihangayikishije

Amb Uwihanganye yavuze ko ubu Umujyi wa Kigali ukeneye nibura metero kibe z'amazi 200 000 ku munsi, ariko aboneka ni metero kibe 140,000 gusa.

Ibi bituma habaho isaranganywa ry'amazi, aho buri gice gihabwa amazi rimwe mu minsi itatu.

Mu gihe cy'impeshyi, ikibazo cyagaragaye cyane mu Mujyi wa Kigali, Gisagara na Muhanga.

Amb. Uwihanganye yavuze ko impamvu ari uko amazi aturuka mu migezi yagabanyutse bigatuma kuyatunganya bigorana.

Hari n'ahagaragara ibibazo by'igihe gito bitewe no kuvugurura imiyoboro, nko mu gace ka Kabeza (Kicukiro) no Gasogi (Gasabo). Muri Gikondo (Kicukiro) na ho ikibazo giterwa n'uko amazi asaranganywa hagati ya Kigali n'Akarere ka Bugesera.

MININFRA ivuga ko ingamba zashyizweho zo kubaka inganda mu bice bitandukanye by'igihugu harimo Uturere twa Muhanga, Musanze, Nyagatare n'ahandi, zizatuma ikibazo cy'amazi gikemuka mu buryo burambye.

Amb. Uwihanganye ati: "Intego yacu ni uko mu myaka ibiri iri imbere ibura ry'amazi rizaba ryavuyeho, bityo abaturage bose babone amazi ahagije kandi ku gihe.

Muri Gahunda ya 2 ya Guverinoma yo kwitisha iterambere ry'abaturage (NST2) Leta y'u Rwanda ifite intego ko mu myaka itanu (2024-2029) abaturage bose bazaba babona amazi meza ku kigero cya 100%.

Imibare yo mu 2024 yerekana ko abaturage bagerwaho n'amazi meza bari hejuru ya 85%.

# U Rwanda rwashwishurije EU isabira Ingabire Victoire gufungurwa

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yakuriye inzira ku murima Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) wateranye usaba ko u Rwanda rwarekura Ingabire Victoire ukurikiranyweho ibyaha bifitanye isano no guhungabanya umutekano w'igihugu.***

Ku wa Kane tariki ya 11 Nzeri 2025, ni bwo Abadepite ba EU bahuye bahamagarira u Rwanda kurekura Ingabire Victoire nta yandi mananiza, mu gihe akurikiranyweho ibyaha ibyaha bitandatu bijyanye no guhungabanya ituze no kwangisha amaahanga Leta y'u Rwanda.

Ibyo byaha birimo gushyiraho umutwe w'abagizi ba nabi, guteza imvururu, kugirira nabi ubutegetsi buriho, gukwiza amakuru atari yo cyangwa icengezamatwara rigamije kwangisha amahanga Leta y'u Rwanda, gutangaza amakuru y'ibihuha, gucura umugambi wo gukora ibyaha byo kugirira nabi ubutegetsi buriho n'icyaha cyo kwigaragambya.

Abo badepite bavuze ko bahangayikishijwe n'ibirego Ingabire Victoire aregwa basanga bishingiye ku mpamvu za Politiki.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko u Rwanda rutakiri ubukoloni bw'u Bubiligi, ku buryo rwafata icyemezo cyo kurengera ubusugire bwarwo bushingiye ku myumvire ya gigkoloni.

Ati: "Ndagira ngo nibutse Inteko Ishinga Amategeko ya EU niba barabyibagiwe, ko u Rwanda ari igihugu gifite ubusugire kandi cyigenga kuva ubukoloni bw'u Burayi bwarangira. Nta ngano y'imyanzuro yose ya gikoloni ishobora guhindura ukuri guhari. Iyo minsi ya kera yararangiye burundu!"

Ahatorewe umwanzuro wo gusaba u Rwanda gufungura Ingabire Victoire, hari abana be hakaba hanafatiwe imyanzuro yindi isanzwe igaragara mu birego by'abatifuriza ineza u Rwanda, barimo n'abagiye bahungabanya umutekano w'Igihugu mu bihe bitandukanye.



**U Rwanda rwateye utwatsi ubusabe bwa EU yifuza ko Ingabire Victoire yarekurwa**

Ingabire Victoire wasabiwe gufungurwa yaburanye ahakana ibyaha byose aregwa avuga ko ari umubyeyi, U m u n y a r w a n d a k a z i n'umunyapolitiki, bityo ko atakwifuriza inabi u Rwanda.

Muri N yakanga, Urukiko rw'Ibanze rwa Kicukiro rwamukatiye igifungo cy'iminsi 30 y'agateganyo kugira ngo afunzwe kubera ko ibyaha akurikiranyweho bihungabanya umudendezo w'Igihugu.

Urukiko rwavuze ko aramutse akurikiranywe ari hanze yaba abonye umwanya wo gushyira mu bikorwa umugambi we, cyangwa akabangamira iperereza cyangwa agatoroka ubutabera.

Madamu Ingabire Umuhiza Victoire yafunzwe n'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) muri Kamena nyuma yo kubisabwa n'Ubushinjacyaha kugira ngo hashyirwe mu ikorwa icyemezo cy'Urukiko Rukuru mu rubanza ruregwamo Sibomana Sylvain na bagenzi be.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Abasivili ni bo musingi wo kurwanya iterabwoba*

*Mu bice byose by'Isi ahagenda hagaragara umutekano muke n'ibikorwa by'iterabwoba, usanga abaturage ari bo bigiraho ingaruka cyane kandi ari na bo iterabwoba rishingiyeho kuko baba umutaka n'uburinzi ibyihebe bishingikirizaho kugira ngo bibashe kubaho.*

*Mu gihe imyaka ine yari ishinze abaturage bo mu Ntara ya Cabo Delado bakomeje kwishimira ko ubuzima bwari butangiye gusubira ku murongo, mu buryo busa n'ubutunguranye muri uyu mwaka ibyihebe byongeye kubura umutwe.*

*Inzego zishinzwe umutekano zikora ibishoboka byose bigakumira ibyinshi mu bikorwa by'ibyihebe byasaga n'ibyacitse intege, ariko bikarangira hari aho byagabye ibitero kandi hakurikiranwa ibirari byaba byaciyemo bikagorana kuko hari abigomeka bari mu baturage bahishirana.*

*Mu gihe inshingano z'ibanze z'abashinzwe umutekano ari ukurinda abasivili, ntibishobora kuborohera mu gihe abaturage bafite ubushuti bw'ibanga n'abari muri ibyo bikorwa bibahungabanyiriza umutekano.*

*Kugira ngo umutwe witwaje intwaro wose ubone imbaraga, uzikura mu baturage bawucumbikira, bawugaburira ndetse bakanawuhishira, baba babihatiwe cyangwa babikoze ku bushake.*

*Abasivili bo mu bice byugarijwe bagira uruhare rukomeye mu kurwanya iterabwoba batangira amakuru ku gihe ku bikorwa biteye amakenga, gukorana n'inzego z'ubutasi, gushyigikira gahunda zikumira zose zo mu miryango, kubaka ubudahangarwa ku icengezamatwara iryo ari ryo ryose n'ingengabitekerezo zitwarwa n'abari mu mitwe y'iterabwoba.*

*Binyuze muri gahunda nk'izo kwicungira umutekano, inkunga zigamije gufasha abaturage kwigira, n'ubufatanye buhamye, abaturage n'imiryango itegamiye kuri Leta baba abafatanyabikorwa b'ingenzi ba Guverinoma n'inzego z'umutekano mu gukumira ibikorwa by'iterabwoba no kubirandura burundu.*

*Mu myaka isaga 25 ishize, igice cy'amajyaruguru n'uburengerazuba by'u Rwanda byibasiwe n'ibikorwa by'iterabwoba by'Abacengezi byaje gushyirwaho iherezo n'uko abaturage bemeye kwitandukanya n'ababarizwaga muri uwo mutwe witwaje intwaro, ububasha bwabo burangirira aho kuko ari bo babagaburiraga, bakabacumbikira ndetse bakanabambika.*

*Ubwo bufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano ni bwo bukenewe mu Ntara ya Cabo Delgado kugira ngo ibikorwa by'iterabwoba birandurwe burundu.*

# U Rwanda rwamaganye ibitero bya Isiraheli muri Qatar



**Ibitero bya Isiraheli bikomeje kwamaganwa ku Isi**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yamaganye bidasubirwaho ibitero Isiraheli yagabye i Doha, muri Qatar ku ya 9 Nzeri 2025, ihumuriza Leta ya Qatar kubera urupfu rw'abakozi bayo, ndetse n'imiryango yabuze ababo.***

Nk'uko bigaragara mu itangazo Guverinoma y'u Rwanda yashyize hanze, yashimangiye ko kurenga ku bushake ku mahame shingiro y'imibanire y'ibihugu biteza akaga kandi bihangayikisha, ndetse bikaganisha Isi mu "miyoborere y'akajagari" katigeze kabaho mu bihe byabanje.

Guverinoma y'u Rwanda yagize iti: "Ukwiyongera kw'imirwano nta gusobanuro bifite, kandi Umuryango Mpuzamahanga usa n'uwishimiye ko byakomeza bitamaganwe. Uburyarya no kutita ku nshingano bigaragara mu bihe nk'ibi cyane cyane ku ruhande rw'abanyembaraga, btuma Isi ikomeza kuzahazwa n'akaduruvayo no kubura amajyo."

U Rwanda rwavuze ko Qatar yagabweho ibitero nk'ibyo mu gihe ikomeje gutanga umusanzu ukomeye mu guhuza impande zishyamiranye mu makimbirane yo mu Burasirazuba bwo Hagati na Afurika.

Yakomeje igira iti: "Ibyo bikwiriye gushimirwa ku rwego mpuzamahanga no kuzirikanwa. Guverinoma y'u Rwanda yifatanyije na Leta ya Qatar muri ibi bihe bigoye kandi igasaba ko hahoshwa ayo makimbirane ari mu Karere mu buryo bugendera ku mahame, bwihuse kandi bufite umurongo."

Minisitiri w'Intebe wa Qatar Mohammed bin Abdulrahman bin Jassim Al Thani, yavuze ko hakwiye kubaho igisubizo gihuriweho cy'ibihugu byo mu Kigobe cya Peresi ku bitero bya Isiraheli ku Murwa Mukuru Doha, kuko abayobozi bose bamaganye ubwo bushotoranyi.

Yagize ati: "Hari ugusubiza kuzaba guturutse mu Karere. Uko gusubiza kurimo kuganirwaho n'abafatanyabikorwa bose mu Karere. Twiteze kubonamo ikintu gisobanutse gihagarika Isiraheli ikomeza kudushotora."

Yakomeje ashinja Minisitiri w'Intebe wa Isiraheli Benjamin Netanyahu kuyobora Akarere kose mu kaduruvayo.

Bivugwa ko Isiraheli yarashe kuri Doha ikurikiyeyo abayobozi ba Hamas bari i Doha ku wa Kabiri tariki ya 9 Nzeri, ubwo bari mu nama baganira ku busabe bwo guhagarika imirwano nk'uko byasabwe na Pwewzida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA).

Ibyo bitero byahitanye abantu abantu barindwi, ariko Hamas yavuze ko abayobozi bayo barokotse ubwo bwicanyi, mu gihe Qatar yo ivuga ko abashinzwe umutenao babiri baguye muri icyo gitero cyamaganywe n'Isi yose.

Ku wa Gatatu, Perezida w'u Bufaransa Emmanuel Macro, yamaganye icyo gitero ubwo yahamagaraga Umuyobozi w'Ikirenga (Emir) wa Qatar Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani.

Yagize ati: "Ibi bitero ntibyemewe. Ndabyamaganye, kandi nashimangiye ukwiyemeza k'u Bufaransa mu gushyigikira ubusugire n'umutekano wa Qatar."

Icyo gitero ni kimwe mu bitero byagutse bya Isiraheli birenga imipaka, aho cyabaye icya gatandatu nyuma y'amasaha 72 kikaba kibaye icya karindwi kuva uyu mwaka watangira. Ku wa Gatatu, Isiraheli yishe abantu 35 mu gitero yagabye kuri Yemen.

Naim Kassem, Umuyobozi w'umutwe witwaje Intwaro wo muri Lebanon witwa Hezbollah, yavuze ko igitero kuri Qatar ari imbuzi y'uko nta n'umwe utekanye mu bihugu byo mu kigobe cya Peresi mu gihe Isiraheli yaba yigarazuye imitwe yitwaje intwaro.

Yakomeje ahamya ko bashyigikiye Qatar yahuye n'ibitero ndetse n'umutwe wa Hamas, yongeraho ko Isiraheli irimo kugerageza kwigarurora ibihugu byo mu Karere k'Uburasirazuba bwo Hagati.

Bivugwa ko Isiraheli ifite umugambi wo kwigarurira burundu ibice yafashe birimo West Bank, Gaza, ibice bya Lebanon, Syria n'Ubwami bwa Yorodaniya.

Ku wa Gatatu Ibitero bya Isiraheli kuri Gaza byahitanye abantu 72 bongereye inzirakarengane zimaze kwicwa zikagera ku 64.656 kuva mu mwaka wa 2023.



U Rwanda na Liberia byiyemeje gushyiraho Komisiyo ihuriweho iziga ku bijyanye n'imikoranire n'ikurwaho rya visa

# U Rwanda na Liberia byemeranyije gukuraho Visa

SHEMA Ivan

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Liberia byasinyanye amasezerano yo gushyiraho Komisiyo ihuriweho iziga ku bijyanye n'imikoranire n'ikurwaho rya visa hagati y'ibihugu byombi.***

Aya masezerano yashyiriweho umukono i Monrovia muri Liberia kuri uyu wa Gatatu, tariki ya 10 Nzeri 2025.

U Rwanda rwari ruhagarariwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Amb Olivier Nduhungirehe, mu gihe Liberia yahagarariwe na mugenzi we Sara Beysolow Nyanti.

U Rwanda na Liberia bisanganywe umubano mwiza mu ngeri nyinshi haba mu bijyanye na politiki cyane cyane mu bufatanye hagati y'Inteko zishinga Amategeko z'ibihugu byombi, uburezi aho amashuri makuru na za Kaminuza mu Rwanda usangamo abanyeshuri baturutse muri Liberia n'ibindi.

Ni ibihugu kandi bijya guhuza amateka kuko Liberia yazahajwe n'intambara mu myaka ya 1990 ikangiza byinshi mu gihe u Rwanda rwashegeshwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni.

# U Rwanda rwasabye amahanga gushakira amakimbirane ibisubizo birambye

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinomay'uRwanda yasabye Umuryango Mpuzamahanga gushora imbaraga nyinshi mu gushakira ibisubizo birambye ibibazo bikurura amakimbirane yugarije ibice bitandukanye by'Isi, aho guhangana n'ingaruka zabyo gusa.***

Martin Ngoga, Ambasaderi Uhoraho w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye ufite icyicaro i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA), yabigarutseho mu biganiro nyunguranabitekerezo byibanze ku gusuzuma ahazaza h'uburyo bwose bw'ibikorwa by'amahoro by'Umuryango w'Abibumbye.

Muri ibyo biganiro, abahagarariye ibihugu byabo bagaragaje ingorane n'amahirwe ahari mu guharanira kubaka amahoro n'umutekano birambye ku batuye Isi.

Amb. Martin Ngoga yabanje guha icyubahiro abaharanira amahoro batanze ikiguzi kiruta ibindi cy'ubuzima bari mu kazi ko kubungabunga amahoro, anashimira n'abakomeje ubwitange bwo guharanira kubungabunga amahoro mu bice bitandukanye by'Isi.

Yavuze ko ihame ryo kutabogama nka rimwe mu mahame agenderwaho mu kubungabunga amahoro, bigira uruhare mu kubaka icyizere n'icyubahiro cy'aboherezwa mu mahoro ariko ngo si ko bigenda akenshi.

Yagize ati: "Ubutumwa bwo kubungabunga amahoro bwahuye n'ibibazo by'amabwiriza adasobanutse zigabanya icyizere cy'ibihugu byakira aboherejwe mu butumwa no mu bandi barebwa n'amakimbirane. Amabwiriza ashyirwaho zikwiye kuba agenwa mbere na mbere no kuba hakenewe umutekano mu bihugu byagizweho ingaruka ndente no kubaturage babyo, aho kuba inyungu ziva hanze."

Yakomeje avuga ko, ihame ryo kubogama rihababarira cyane kuko aboherezwa mu butumwa bwo kubungabunga amahoro bisanga bagomba kubogamira mu ruhande runaka, hagamijwe kurinda inyungu zitandukanye no gushaka umuti urambye w'ibibazo bihari.

Ati: "Bitewe n'ibibazo bya Politiki mpuzamahanga no mu Karere, abaharanira amahoro bisanga bagomba kubogama mu makimbirane, ibyo bikaba atari byo haba mu nyurabwenge no mu bunyamwuga. Hakenewe gukemura impamvu shingiro z'amakimbirane zishingiye ku miyoborere, ruswa, akarengane muri sosiyete, ivangura n'ubukene nka bimwe mu bitera amakimbirane."

Aha ni na ho yahereye avuga ko gukemura ibyo bibazo bisaba kwiyemeza kugira ngo bibasjhe gukemurwa mu buryo burambye.

"[…] Nk'uko kurenga ibyo bibazo bisaba kwiyemeza, Umuryango Mpuzamahanga ukwiye gushora imbaraga nyinshi mu gushaka ibisubizo birambye aho guhangana n'ingaruka zabyo gusa."

Yanaboneyeho gusaba abitabiriye ibyo biganiro kumva ko kurwanya imvugo z'urwango ari ukurinda abasivili kubera ko zibanziriza ibyaha by'ubwicanyi ndengakamere na Jenoside.

Yakomeje agira ati: "Ariko bihinduka bibi cyane iyo Loni iguye mu mutego w'amakuru y'ibinyoma maze ikayakwirakwiza iyakuye mu bitangazamakuru bitigeze bicukumbura kandi byahinduwe na politiki bigafata uruhande rubogamye."

Amb. Ngoga yanavuze kandi ko hakenewe kongera gusuzuma ingengo y'imari ishyirwa mu bikorwa byo kubungabunga amahoro ku Isi, kugira ngo ishorwe ahatanga umusaruro.

Yavuze kandi ko ubuyobozi bw'ubutumwa bw'amahoro bufite uruhare rukomeye mu kuyobora icyerekezo cy'ubutumwa bwo kubungabunga amahoro bufitiwe icyizere kandi bukorwa kinyamwuga.




U Rwanda rwahagarariwe mu biganiro nyunguranabitekerezo byagarutse ku hazaza h'ubutumwa bw'amahoro





KAMALIZA Agnes

# Umutungo wa RSSB wageze kuri tiriyali 3,1 Frw mu myaka 5

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB), bwatangaje ko umutungo mbumbe w'icyo kigo mu myaka itanu ishize (2021-2025) wiyongereye aho wikubye kabiri ukagera kuri tiriyali 3,1 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Mu kiganiro n'itangazamakuru ku wa 10 Nzeri 2025, cyerekanye raporo y'ishusho rusange ya RSSB mu myaka itanu ishize (2021-2025) n'ingamba zihari, hagaragajwe ko uko kwikuba k'umutungo byagizwemo uruhare n'inyungu zaturutse mu ishoramari.

Umuyobozi Mukuru wa RSSB Rugemanshuro Regis, yagaragaje ko inyungu y'uru rwego yagiye yiyongera aho kugeza muri Kamena 2025 yari igeze kuri miliyari 361,7 Frw bisobanuye izamuka rya 16,7%, yemeza ko badakorera mu bihombo kandi ko ishoramari rikorwa ryungukira ikigo n'abanyamuryango bacyo.

Ni mu gihe urwunguko ku gishoro rwavuye kuri 1.4% muri 2021 rugera kuri 14,2% mu 2025.

Yagize ati: "Hari abumva ko RSSB ikorera mu gihombo ariko biragaraga ko atari byo. Ibi bitanga icyizere ko umutungo w'abanyamuryango ukoreshwa mu nyungu zabo no mu guteza imbere igihugu."

Yagaragaje ko mu myaka itanu ishize hagaragaye impinduka zishimishije haba mu mikorere n'iterambere ry'ibyiciro RSSB ishizwe birimo; ubwiteganyirize bw'izabukuru, ikiruhuko cyo kubyara, ubwishingizi mu kwivuza bwa Mituweri na RAMA, n'ubwizigame bw'igihe cyirekire bwa 'Ejo Heza'.

Rugemanshuro yavuze ko mu myaka itanu ishize Mituweli yongerewe ubushobozi bwo kuvura indwara nyinshi zitandukanye zirimo kanseri, kubaga impyiko n'izindi kandi bitasabye ko abanyamuryango bongera amafaranga ku yo basanzwe batanga.




Umuyobozi wa RSSB Regis Rugemanshuro, mu kiganiro nabanyamakuru

Ati: "Urebye ibyagezweho turi hafi gutangira ubukangurambaga tureba uko Leta ibigenza, hari igihe gishobora kuzagera natwe tugatekereza ko twabigiramo uruhare kugira ngo tuzamure agaciro k'ibyo abanyamuryango bagenerwa."

Kugeza ubu RSSB ikaba ibarurwamo abanyamuryango barenga miliyoni 11 bakoresha ubwisungane mu kwivuza bwa Mituweli.

Mu myaka itanu ishize ikiruhuko kigenerwa ababyeyi babyaye cyavuye ku byumweru 12 kigera kuri 14.

Amavuriro yabonye imikoranire na RSSB kuri Mituweli yavuye kuri 953, agera 1,182, mu gihe kuri Rama yavuye kuri 810 agera ku 1,152.

Abanyamuryango b'ubwiteganyirize bwa Ejo Heza bavuye ku bihumbi 346 bagera kuri miliyoni 3,7, mu gihe umwaka ushize hizigamiye ibihumbi 520 bigaragaza ko biyongereyeho 16%.

Mu gihe umwaka ushize RSSB yinjije imisanzu ingana na miliyari 515 bisobanuye ko hiyongeraho 34% ikaba yararenzeho 1% y'ibyari biteganyijwe kandi abangan ana 55% baba muri Ejo Heza.

# Impinduka mu Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'u Rwanda mu 2025



Isoko ry'Imari n'Imigabane ryu Rwanda ryagize impinduka zifatika binyuze mu bikorwa byibanze ku mavugurura y'amategeko agenga isoko

UBWANDITSI

***Mu mwaka wa 2025, Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'u Rwanda ryagize impinduka zifatika binyuze mu bikorwa byibanze ku mavugurura y'amategeko agenga isoko, ubukangurambaga bugamije kuzamura ubumenyi bw'abashoramari, no gukoresha ikoranabuhanga mu micungire n'igenzura.***

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'u Rwanda rugenzura Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) Thapelo Tsheole, yavuze ko ibikorwa byakozwe muri 2025 byari ngombwa kandi byagize uruhare mu kuzamura imikorere y'isoko ry'u Rwanda ry'imari n'imigabane.

Yagize ati: "Aya mavugurura si ugusohoza gusa ibisabwa n'amategeko. Ni uburyo bwo kongera icyizere, guteza imbere udushya no gufasha isoko ryacu kugendana n'iterambere riri ku rwego mpuzamahanga."

Uretse amavugurura mu by'amategeko n'amabwiriza mashya, CMA yashyize imbaraga mu bukangurambaga no kwigisha abashoramari ku byiza byo gutangira urugendo rwo kuzigama no gushora imari ku isoko ry'imari n'imigabane.

Mu mwaka wa 2025, ibikorwa byo kwigisha abaturage ku bijyanye n'isoko ry'imari byabereye mu ntara zose z'igihugu ndetse n'Umujyi wa Kigali. Abagishijwe muri ubu bukangurambaga harimo cyane cyane urubyiruko n'abashoramari bashya, bagize amahirwe yo gusobanukirwa n'uko isoko rikora n'uburenganzira bwabo nk'abashoramari.

Mu rwego rwo kongera umubare w'ibigo bifite ubushobozi bwo kubona ishoramari, CMA ifatanyije n'Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'u Rwanda (Rwanda Stock Exchange) yakomeje gushyira mu bikorwa gahunda ya Investment Clinic.

Iyi gahunda itanga ubujyanama ku masosiyete mato n'ayo hagati (SMEs) ku bijyanye n'imiyoborere myiza, uburyo bwo kugaragaza imari neza, n'inzira zo gushaka ishoramari.

Hari ibigo byinshi byafashijwe kwitegura kugira ngo bishobore kwakira abashoramari cyangwa kwiyandikisha ku isoko ry'imari.

Umuyobozi Mukuru wa CMA Thapelo Tsheole, yavuze ko barimo gutegura uburyo bwo gutangiza ibicuruzwa bishya by'imari mu Rwanda, birimo Real Estate Investment Trusts (REITs), Exchange-Traded Funds (ETFs) na sustainability-linked bonds.

Ibi bicuruzwa bishya bizafasha abashoramari kubona amahitamo menshi kandi bitume isoko ry'imari rirushaho kugira ubukana n'amahirwe menshi ku ishoramari ry'igihe kirekire.

Umusaruro wa 2025 werekana ubushake n'uruhare rwa CMA mu kubaka isoko ry'imari rifite imiyoborere inoze, ririmo abashomari benshi kandi rishingiye ku mucyo.

Uko ubukungu bw'u Rwanda bukura, ni na ko isoko ry'imari riba urufunguzo mu guteza imbere ubucuruzi, gutanga akazi no guteza imbere iterambere rirambye ry'igihugu cy'u Rwanda.

# Gasabo: Imbamutima z’abarokotse Jenoside bahawe amacumbi

KAYITARE Jean Paul

***Nikuze Vestine w’imyaka 51 na Bazayirwe Beatrice w’imyaka 63 bombi batuye mu Murenge wa Remera mu Karere ka Gasabo, barishimira ko bahawe amacumbi nyuma yaho bari bamaze igihe kinini bari mu nzu zishaje.***

Banishimira kuba bari mu gihugu gitekanye ntawe utera amabuye ku nzu zabo bityo bagashimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame wazuye u Rwanda.

Nikuze agira ati: “Ndashimira Perezida Kagame wazuye u Rwanda tukaba tururimo ntacyo twikanga. Ndishimira ko Kaminuza y’u Rwanda ishami rya Remera ryafatanyije n’abandi bafatanyabikorwa bakanyubakira inzu.

Batangiye kuyisana bageze hagati babona bidashoboka bahita kuyitangira bahereye kuri fondasiyo. Mfite uburwayi nkomora kuri Jenoside ariko nishimira ko natwe untera ibuye.”

Ibi abihuriraho na Bazayirwe utuye mu Kagari ka Rukiri II na we wasaniwe inzu yarangiye itwaye 9,112,000 Frw.

Yavuze ko yishimira igihugu yabonye kizira ivangura iryo ari ryo ryose kandi gitandukanye n’igihugu yabayemo mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Kaminuza y’u Rwanda ishami rya Remera yemereye Nikuze Vestine kuzamuvuza amaso cyane ko ngo ifite inzobere mu buvuzi bw’amaso.

Meya w’Umujyi wa Kigali wungirije ushinzwe imibereho myiza y’abaturage, Martine Urujeni, yavuze ko ibyo Nikuze yashyikirijwe ari iterambere.

Yagize ati: “Ni icyizere uremwemo kandi wumve ko ushyigikiwe. Ibi bikorwa ubifate neza, ibyangiritse baguhaye uburyo bwo kuzabisana.”

Urujeni yasabye ko Nikuze kimwe n’abandi batishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, bakomeza gushyigikirwa kuko bageze aheza.

Françoise Kayitare Tengera, Umuyobozi wungirije wa Kaminuza y’u Rwanda ushinzwe imari, yavuze ko inzu zubatswe mu rwego rwo guteza imbere aho Kaminuza y’u Rwanda ishami rya Remera ikorera.

Akomeza agira ati: “Tuzakomeza gufasha abantu bose bakeneye gufashwa.”

Emmanuel Karamba, Perezida w’Umuryango uharanira inyungu z’abarokotse Jenoside (IBUKA) mu Murenge wa Remera, ashima ubuvugizi bwakozwe bityo Kaminuza igashobora kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ati: “Ni igikorwa kidasanzwe cyakozwe. Twabayeho twumva nta cyiza cyakorwa gikozwe n’abantu, ni yo mpamvu iyo dufite ubuvugizi bwiza tubona ibyiza.

Twagize igihe cyo kubwirwa ibibi, ubu twishimira ko dufite ubuyobozi butubwira ibyiza.”

Inzu Nikuze yubakiwe yuzuye itwaye angana na 38 057 620 Frw harimo ibyo yaguriwe bigashyirwa mu bubiko ndetse n’ibahasha ya 1 018 000 Frw azamufasha mu gukomeza kubaho neza mu icumbi yubakiwe.

# Ngoma: Kugezwaho amashanyarazi byabafashije gukora imishinga y’iterambere

NYIRANEZA Judith

***Abaturage bagaragaza ko hari impinduka nyinshi zigera ahamaze kugezwa amashanyarazi, bityo bakaba bishimira imishinga yo kubagezaho amashanyarazi igenda igezwa no mu cyaro cya kure, aho batakekaga ko umuriro ubasha kuzagera.***

Mukakayange Jeannette utuye mu Murenge wa Rukira, Akagari ka Kibatsi, Umudugudu wa Gahushi mu Karere ka Ngoma, yavuze ko amashanyarazi yatumye bakora imishinga ibateza imbere.

Ati: “Tutarabona amashanyarazi twari mu bwigunge, ntabwo twabonaga uburyo twakwiteza imbere, ariko nyuma y’uko umuriro umaze kutugeraho twakoze umushinga wo kugura icyuma gisya, ubu abaturage bashesha ibijyanye n’amafu y’igikoma n’ubugari.”

Ahamya ko umuryango wabo wateye imbere biturutse kuri uwo mushinga kuko babashije kuvugurura inzu batuyemo, kugura moto, kugura imirima ndetse bakaba babona amafaranga y’ishuri y’abana nta kibazo.

Nsabimana Alphonse,na we atuye mu Kagari ka Kibatsi, yagize ati: “Mbere tutarabona umuriro twari mu icuraburindi, no gucana mu nzu harimo abakoreshaga igishirira! Ariko nyuma yo kubona umuriro byabaye byiza, ubu turacana, twatangiye no kwiteza imbere, dushinga salo yo kogosha, n’ibyuma bisya ndetse abo mu miryango yacu bataragezwaho amashanyarazi na bo barategereje kandi turashima REG ko igaragaza ko na bo bagiye kugerwaho vuba.”

Mu gihe Akarere ka Ngoma kari ku kigero cya 79.6% mu kugeza amashanyarazi ku baturage, ubuyobozi bwa Sosiyete y’u Rwanda Ishinzwe Ingufu REG, ishami rya Ngoma buramara impungenge abataragerwaho n’amashanyarazi ko na bo bashonje bahishiwe kuko hari imishinga irimo gukorwa izagera ku baturage benshi.

Abataragerwaho n’amashanyarazi bashonje bahishiwe

Umuyobozi w’ishami rya REG mu Karere ka Ngoma, Jean Paul Kabare, avuga ko hari gahunda yo kugera ku muhigo wo gucanira abaturage ba Ngoma ku kigero cya 100% bitarenze umwaka wa 2029.



Umuriro w’amashanyarazi wageze ku baturage babona uko biteza imbere

Yagize ati: “Dufite imishinga itandukanye yo gukwirakwiza amashanyarazi, icyiciro cya mbere twahereye mu Mirenge umunani, aho muri iki cyiciro cy’amezi 18 tuzatanga amashanyarazi ku ngo zirenga 22 000, duteganya ko bitarenze ukwezi kwa karindwi mu 2026 ziriya ngo zose tugomba kuba twarangije kuzicanira.”

Akomeza agira ati: “Ni umushinga ukomeza kuko n’umwaka utaha wa 2026 hari undi mushinga uzatanga amashanyarazi ku ngo 14 518. Harimo ingo zisaga 10 047 ziri mu Midugugu yashyizwe mu miturire ariko hakaba nta mashanyarazi yahabaga ndetse n’ingo zisaga 4 471 ziherereye mu Midugudu isanzwemo amashanyarazi ariko izo ngo ugasanga zaragiye zisigaramo nta mashanyarazi zifite.”

Umuyobozi w’Ishami rya REG mu Karere ka Ngoma ahumuriza n’abaturage batarabona amashanyarazi ko n’abo bashonje bahishiwe ko azabageraho vuba bidatinze.

Ati: “Ntabwo tuzahagararira aho ngaho, tuzakomeza gutanga amashanyarazi kugeza tugeze ku 100% y’ingo zose cyane cyane ku ziherereye ahagenewe imiturire (Settlement).”

Imibare ya REG igaragaza ko mu Rwanda abaturage bagezweho n’amashanyarazi kuri ubu bageze kuri 84.6%, akaba ari imibare yo kugeza muri Nyakanga 2025.





# Murunda: Dr Nsanzimana yijeje abakorera kure amafaranga y’inyunganirangendo

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w’Ubuzima Dr Nsanzimana Sabin yasuye ibitaro bya Murunda by’Akarere ka Rutsiro, yashimiye abakozi ubwitange bagaragaza, yizeza abakora kure amafaranga y’inyunganirangendo.***

Yasuye ibyo bitaro areba ishusho ngari y’ibikorwa by’ubuzima na serivisi z’ubuvuzi zihatangirwa kimwe n’imikorere yabyo n’ubushobozi bifite mu kuvura abarwayi.

Minisitiri Dr Nsanzimana yaganiriye n’abakozi b’ibyo bitaro n’abayobozi b’ibigo nderabuzima byo muri Rutsiro mu kumwereka uko ubuvuzi buhagaze, inzitizi zihari n’icyo Guverinoma yakora ngo bukomeze gutera imbere.

Yakiriwe n’Umuyobozi wako Karere, Kayitesi Dative ari kumwe n’Umuyobozi Mukuru w’Ibitaro Dr. Nkunzimana Jean Pierre aho babanje gusura serivisi z’ibitaro binyuranye.

Dr Nsanzimana yasoje ashimira umuhate n’ubwitange abakozi bo mu rwego rw’ubuzima bagaragaza abasaba gukomerezaho.

Yagize ati: “Dukomereze muri uwo murongo. Ntawusiganya undi kandi twese dusenyera umugozi umwe! Mwumve ko tubafite ku mutima kandi tubashyigikiye 100%.”

Dr Nsanzimana yijeje abakozi ko ibibazo biri muri serivisi z’ubuzima bizwi ku buryo Minisiteri iri gushaka ibisubizo byihuse ihereye ku byihutirwa cyane.

Ati: “Mu byihutirwa harimo korohereza abakozi bakorera kure bahabwa amafaranga y’inyunganirangendo.”

Serivisi zitangirwa mu Ishami ry’ Ubuzima ku bitaro bya Murunda harimo guhuza no kugenzura Imikorere y’amavuriro ya Leta uri gahunda yo kuyongerera ubushonozi n’ayigenga, guhuza ibikorwa by’ingo mbonezamikurire y’abana bato (ECDs), gutanga ubujyanama ku bibazo by’ubuzima muri rusange, hitabwa ku ndwara zandura n’izitandura.

Ubukangurambaga ku bwisungane mu kwivuza (Mituweli), kwandika abana bavukira kwa muganga (CRVS) n’ibindi.


Minisitiri w’Ubuzima Dr Nsanzimana Sabin yasuye ibitaro bya Murunda mu Karere ka Rutsiro



Amb. Uwihanganye Jean de Dieu yagaragaje ko u Rwanda rwihaye intego yo kugeza kuri GW 3 mu 2050

# U Rwanda ruzageza kuri Gigawati 3 z’amashanyarazi mu 2050

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y’Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko u Rwanda rufite intego yo kugeza kugeza Gigawati 3 z’amashanyarazi mu 2050, ruvuye kuri Megawati 400 rufite ubu.***

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y’Ibikorwa Remezo (MININFRA) Amb Uwinganye Jean de Dieu, yabigarutseho kuri uyu wa Kabiri tariki ya 9 Nzeri 2025, ubwo yatangiza icyumweru cyahariwe ingufu (Energy Week& Exbition) n’imurikabikorwa ry’ibikoresho by’amashanyarazi ku nshuro ya 5.

Muri ibyo bikorwa byatangiye ku wa 8-12 Nzeri 2025, haribandwa by’umwihariko ku guteza imbere ingufu z’amashanyarazi zisubira zirimo izikomoka ku mirasire y’izuba, amazi, umuyaga no ku bimera.

Ni icyumweru abafatanyabikorwa, ba rwiyemezamirimo n’inzego za Leta bunguranamo ibitekerezo ku hari ibibazo byugarije ingufu z’amashanyarazi kugira ngo bivugutirwe umuti urambye.

Amb. Uwihanganye yavuze ko iyo nama ari ingirakamaro kuko iri mu murongo wo gushyigikira intego z’ u Rwanda no guteza imbere ingufu kuko byagaragaye ko ari inkingi y’iterambere rirambye.

Yagize ati: “Ntacyo wakora udafite amashanyarazi, ubu ngubu dufite Megawati zirenga 400, turifuza kuzongera kurushaho aho tugomba kuyageza ku baturage bose, kugira ngo tugere ku ntego twihaye, aho tuvuga ko mu 2050 tuzaba tugejeje ku ngano ya Gigawati (GW) eshatu.”

Yakomeje agira ati: “Muri icyo cyerekezo aho u Rwanda ruzaba ruri mu bihugu bikize ku Isi, uruhare rw’ingufu zisubira mu kugeza abaturage ku mashanyarazi, zizagira uruhare rwa 50%.”

Umuyobozi Mukuru w’Ihuriro ry’abikorera mu rwego rw’Ingufu (EPD), Dr. Ivan Twagirashema, yavuze ko ari ngombwa ko ingufu zisubira zitezwa imbere kuko zikenewe mu bikorwa hafi ya byose by’iterambere.

Yagize ati: “Ntiwakenera robo (robot), telefone n’ibindi bikoresho hadakoreshejwe ingufu z’amashanyarazi.”

Yakomeje avuga ko nk’abafatanyabikorwa muri uru rwego bakomeje gushora imari ifatika kugira ngo bafatanye na Leta kugera ku ntego yihaye yo kugeza ingufu z’amashanyarazi kuri bose, by’umwihariko bibanda ku gukoresha ingufu zisubira.

Vuningoma Faustin, Umuhuzabikorwa w’Imiryango itari iya Leta iharanira kubungabunga ibidukikije (RCCDN), yavuze ko gukoresha ingufu zisubira bifite akamaro mu gukumira ibyuka bihumanya ikirere.

Ati: “Izo ngufu ni izo gukoresha neza. Urabona ibibazo by’imihandagurikire y’ibihe byatewe n’ikibazo cy’ingufu zituruka ku bikoresho bya peteroli, bikoreshwa mu nganda zisohora ibyotsi byinshi byatumye iki kibazo cy’imihindagurikire y’ibihe kitugeraho.”

Ashima ko u Rwanda rukomeje gushyira imbagara mu gukoresha ingufu zisubira kuko ari na bwo buvugizi bakora.

Mu mwaka ushize wa 2024, MININFRA yagaragaje ko ingufu zisubira zigira uruhare ku kigero cya 52% mu gutanga amashanyarazi yose u Rwanda rufite, aho ingo z’abaturage babarurwaga mu 2024, bafite amashanyarazi bari 76%.

# NCDA yasabye abikorera gushyiraho amarerero y'abana aho bakorera

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) cyasabye abikorera kujya bateganya kubaka amarerero hafi y'aho bakorera, kugira ngo abafashe mu burere bw'abana no gutuma ababyeyi babo bakora batekanye.***

Iradukunda Diane, Umuyobozi w'agateganyo w'ishami rishinzwe imikurire no kurengera umwana muri NCDA, yabivuze ubwo yatangizaga irerero ryubatswe n'abashoferi ba kompanyi ya Ritco.

Iryo rerero ryakira abana kuva ku mezi 3 kugeza ku myaka 3, rikabaha ibikenerwa by'ibanze birimo indyo yuzuye, isuku, ndetse n'ibikorwa byo gukangura ubwonko.

Ati: "Ni igikorwa cyiza tunashishikariza n'abandi bikorera. Ni urugero rugaragaza ko bishoboka, haba ku bashoferi, ab'amagare ndetse no mu bigo bya Leta. Umubyeyi ashobora gufata ikiruhuko cyo konsa ariko agasubira ku kazi ke atuje."

Umuyobozi wa Ritco, Nkusi Godfred, yavuze ko iryo rerero ryashyizweho kugira ngo abakozi bakore batekanye.

Ati: "Abantu dukoresha bazinduka mu gitondo bakajya kure ya Rusizi. Twashatse uburyo bwo kubafasha kugira imbaraga no kubereka ko natwe twita ku buzima bw'umuryango wabo."

Abarerera muri iryo rerero na bo bashima ko ryabakuye mu ngorane.

Kabatesi Clarisse, ufite impanga z'imyaka ibiri n'amezi umunani, yagize ati: "Umugabo wanjye ni umushoferi, mbere kubarera byari bigoranye. Ubu ndabona n'umwanya wo gukora ibindi bikorwa byinjiriza urugo."

Nshimiyimana Maurice, umushoferi muri Ritco, we yagize ati: "Iri rerero ryadukuye mu bwigunge. Twasigaga abana tudatekanye, ubu tubasiga ahantu heza kandi bikadufasha no gukundana kurushaho."

Gufasha umwana hakiri kare ni ingenzi


Abikorera basabwa kubaka amarerero hafi yaho bakorera

Abahanga mu burezi bw'umwana bavuga ko kumwitaho mu myaka ya mbere bimurinda kugwingira. Igwingira riterwa n'imirire mibi no kurwaragurika kenshi, rikagira ingaruka ku mikurire y'ubwonko, ubwenge, imibanire ndetse no gutsinda mu ishuri.

Abashakashatsi mu bukungu bagaragaza ko igwingira rigabanya umusaruro w'igihugu ku kigero cya 3% by'umusaruro mbumbe.

NCDA ivuga ko ari ngombwa kwita ku mwana hakiri kare kuko hafi 80% by'ubwonko bwe biba byamaze kwiyubaka mu myaka 6 ya mbere.

Icyo kigo cyasabye ababyeyi kwita ku mirire myiza y'abana babo, kubarinda ihohoterwa no kubaha uburere buboneye, anashishikariza abikorera bose gushyiraho amarerero y'abana aho bakorera.

# Ibiryabarezi birenga 8 000 bimaze kuvanwa mu baturage


RDB yavuze ko hamaze gukurwa ibiryabarezi bisaga 8 000 mu baturage bitewe nuko byahombeje benshi

KAYITARE Jean Paul

***Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB) rutangaza ko rumaze gukusanya imashini zirenga 8 200 z'imikino y'amahirwe zizwi nk'ibiryabarezi, hagamijwe kuzikura mu baturage nyuma yo kugaragara ko byahombeje benshi mu bihe bitandukanye.***

RDB igaragaza ko ibiryabarezi byafashwe byashyikirijwe uruganda rutunganya ibikoresho by'ikoranabuhanga, Enviroserve Rwanda, aho bizatunganywamo ibindi bikoresho bishya.

Habyarimana Jacques, Umuyobozi muri RDB, avuga ko ibiryabarezi bitacyemewe uretse gusa mu nyubako cyangwa ahantu hagenewe casino, aho ngo ni ho hantu umuntu ashobora kuzajya asanga imashini z'imikino y'amahirwe izwi nk'ibiryabarezi.

Akomeza agira ati: "Izi mashini ntabwo zicyemewe binavuze ngo n'ubundi ibikorwa byo gukomeza gufata izi mashini zivanwa mu baturage birakomeje.

Hejuru y'izo mashini zigera ku 8 000 zari zafashwe, imibare izakomeza kwiyongera. Tumaze gukusanya ibiryabarezi birenga 3 300, ni nka 1/2 cy'izo tugomba gukusanya mu gihugu hose zimaze gufatwa."

Mbera Olivier, Umuyobozi w'Uruganda rutunganya ibikoresho by'ikoranabuhanga, Enviroserve Rwanda, ahamya ko imashini z'imikino y'amahirwe, zizwi cyane nk'ibiryabarezi, zishobora kugira ingaruka ku baturage.

Mbera akomeza avuga ko harimo ibikoresho byongera bigakoreshwa ariko hakaba hari n'ibindi bikoresho ubishyize aho biri byakwangiza abaturage n'ibidukikije akaba ari yo mpamvu ibiryabarezi bikusanywa.

Yagize ati: "Twatangiye iki gikorwa cyo kubikusanya mu Turere twose tw'igihugu, ubu tumaze gukusanya imashini zirenga 3 300 ni nka kimwe cya Kabiri cy'ibyo tugomba gukusanya mu gihugu zose, zamaze gufatwa."

Avuga ko mu Mujyi wa Kigali ibiryabarezi byose bimaze gukusanywa akavuga ko kugeza ubu bageze mu Ntara y'Iburasirazuba aho Uturere twose bari hafi kuturangiza bityo bagakomereza mu Ntara y'Amajyepfo no mu zindi Ntara.





# Green Amayaga yagabanyije toni zirenga 600 000 z'ibyuka bihumanya ikirere

KAYITARE Jean Paul

***Icyerekezo cy'u Rwanda ni ukugabanya ibyuka bihumanya ikirere ku kigero cya 38% by'ibyuka bihumanya ikirere bitarenze muri 2030, ni mu gihe Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije (REMA) gitangaza ko kugeza ubu umushinga wa Green Amayaga umaze kugabanya toni 625 000 z'imyuka ihumanya ikirere.***

REMA ivuga ko Umushinga Green Amayaga wari warihaye intego yo kuzatera ibiti kuri hegitari 26 300 ariko washoboye gutera ibiti kuri hegitari zirenga 37 000.

Muri gahunda zawo kwari uguteza imbere ikoranabuhanga mu gutegura amafunguro bituma utanga rondereza ku miryango 60 000.

Rémy Songa, Umuyobozi w'Umushinga Green Amayaga, yavuze ko ku bijyanye na gazi uyu mushinga washoboye gufasha ibigo by'amashuri 20 byo mu Turere twa Kamonyi, Ruhango, Nyanza na Nyamagabe.

Izi gahunda zose zatumye u Rwanda rushobora kugabanya ibyuka bihumanya ikirere bingana na toni zirenga 600 000.

Songa agira ati: "Ku bijyanye no kugabanya imyuka ihumanya ikirere, twashoboye kugabanya toni 625 000 z'imyuka ihumanya ikirere."

REMA ishimangira ko kuva mu 2022 ibigo 20 by'amashuri mu mushinga Green Amayaga, byatangiye gukoresha gazi bikavanga no gucana inkwi.

Umuyobozi w'Umushinga Green Amayaga, Songa, agira ati: "Aho bakoreshaga 4 000 000 Frw bagura inkwi ubu basigaye bakoresha 2 800 000 Frw bakoresha gazi n'inkwi icyarimwe.

Ziriya gazi zatanzwe zafashije kugabanya imyuka ihumanya. Iyo abantu bategura amafunguro y'abana bakoresheje inkwi batema ibiti kandi ibiti bidufasha kugabanya ya myuka ihumanya ikirere ari nayo itera imihindagurikire y'ikirere."

Akomeza agira ati: "Mu buryo bujyanye no guhagarika imihindagurikire y'ibihe izo gazi zarafashije cyane kuko zarinze ibiti gutemwa, ibyo biti bikomeza kudufasha gufata ya myuka ihumanya ikirere ituma habaho imihindagurikire y'ibihe."

Padiri Jean D'Amour Majyambere, umuyobozi w'Ishuri St Bernadette Kamonyi, yahamirije Imvaho Nshya ko gukoresha gazi bigira uruhare mu kugabanya imyuka ihumanya ikirere.

Ishuri abereye umuyobozi rimaze imyaka Ibiri rikoresha gazi ariko avuga ko bafite igikoni kigikoresha inkwi.

Agira ati: "Ibyiza bya gazi, icya mbere nabonye turamutse tuyifite mu bikoni byombi ubuzima hano bwatworohera kuko gazi ntiruhije, abakozi nabo ntibaruha, ntibahora mu ziko benyegeza, ikindi itanga isuku.

Gazi imara igihe kuko nk'iyo tuguze ibiro 1 000 tuyicana mu mezi nka Atandatu."

Igikoni gikoresha gazi muri St Bernadette Kamonyi, gitegurirwamo amafunguro arimo umuceri, imyumbati n'icyayi cy'abanyeshuri banywa nimugoroba.

Ni mu gihe ibijumba, akawunga, ibishyimbo n'igikoma byo bitekerwa mu gikoni gikoresha inkwi.

Habonetse ubushobozi, Padiri Majyambere avuga ko n'ikindi gikoni gikoresha inkwi cyazashyirwamo uburyo bwo gutekesha gazi hagamijwe kwirinda ibihumanya ikirere.

Icyakoze gukoresha gazi bihendutse cyane kurusha inkwi bakoresha bategurira abanyeshuri amafunguro.

Ati: "Iyo nguze inkwi za 5 000 000 Frw hari igihe tuzicana mu mezi nka Atatu zikaba zirangiye ariko gazi ngura 2 000 000 Frw tuyicana mu mezi 6.

Ejobundi naguze inkwi za 5 000 000 Frw ariko izo nkwi ndakeka ko tuzajya kurangiza ukwezi k'Ukuboza zitaragezayo.

Gazi dukoresha yaguzwe mu kwezi kwa Gatandatu kandi twizeye ko izageza mu kwezi k'Ukuboza igikoreshwa. Turamutse tuyifite tukayikoresha mu bikoni byose amafaranga dukoresha ku bicanwa yagabanuka."

Nyabyenda Silas, Umukozi uhagarariye abatetsi n'abakora amasuku muri St Bernadette Kamonyi, avuga ko icyiza cyo gutekesha gazi birinda ikirere guhumana.

Avuga ko gukoresha gazi bibarinda imvune cyane ko ko ngo Icyiza cyayo, ituma amafunguro ashya vuba.

Bagikoresha inkwi mu bikoni byombi, ashimangira byabagoraga kuko byageraga saa kumi n'imwe bagitetse bityo abanyeshuri bagatinda gufungura, ubu ngo birihuta kubera gukoresha gazi.

Thimothé Siborurema, Umukozi umaze imyaka 5 akora akora amandazi agaburirwa abanyeshuri, ahamya ko gukoresha gazi ari byiza.

Yabwiye Imvaho Nshya ati: "Gutekesha gazi ni byiza cyane kuko bigabanya umunaniro. Iyo uyikoresha akazi kaba gakeya, ibyo ukora bikihuta ariko gutekesha inkwi bigira ingaruka nyinshi zirimo no kuba zagira uruhare mu guhumanya ikirere."

Mugiraneza Claude umaze imyaka 9 akora akazi ko gutekereza abanyeshuri bo muri St Bernadette, avuga ko gukoresha gazi ari byiza kuko aho ikoreshwa nta mwanda uba uhari.

Ati: "Ibiryo byatekeshejwe gazi nta mwotsi uhumuramo naho gutekesha inkwi bituma mu gikoni habaho umwanda ukomoka ku makara n'imyotsi. Ubu amashyiga yose namara gufatwa urasanga hano huzuye imyotsi."

Imibare igaragaza ko u Rwanda rwohereza mu kirere imyuka ihumanya ku kigero cya 00.03% cy'iyoherezwayo yose, mu gihe umugabane wa Afurika uhumanya ikirere cy'Isi ku kigero cya 4% by'ihumana ry'ikirere ku rwego rw'Isi.

Raporo z'igihugu ku mihindagurikire y'ibihe zitangwa ku bunyamabanga bw'amasezerano ku mihindagurikire y'ibihe, UNFCCC, ni ukuvuga First Biennial Update Report, yatanzwe mu kwezi k'Ukuboza 2021 na Third National Communication yatanzwe mu 2018, zombi zigaragaza ko myinshi mu myuka yongera ubushyuhe mu kirere cy'u Rwanda isohorwa n'imodoka na moto.

Ubushakashatsi bwakozwe na REMA bugatangazwa mu 2017, nabwo bwerekanye ko imyotsi isohorwa n'ibinyabiziga iza ku isonga mu bihumanya umwuka mu Mijyi y'u Rwanda.


Imyotsi imwe n'imwe isohoka mu nganda, mu modoka n'ahandi ihumanya ikirere

# Dutemberane Igicumbi cy'Ubumuntu, ahari amateka y'Intwari Niyitegeka Félicité

KWIZERA Jean de Dieu

***Ku munsi wijimye kurusha iyindi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, habonetse Intwari Niyitegeka Félicité wemeye guhara ubuzima bwe agerageza kurokora ubuzima bw'Abatutsi yanambyeho bikarangira yicanwe na bo ahitwa kuri Komine Ruje (Commune Rouge) mu Karere ka Rubavu.***

Intwari y'Imena Niyitegaka Félicité yari umubikira akaba yari na mushiki wa Col. Alphonse Nzungize wamusabye gutererana Abatutsi 43 yari hayishe muri Centre Saint-Pierre yayoboraga, akabyanga ahubwo akabarwanaho kugeza ku mwuka we wa nyuma.

Iyo santeri yayoboraga, uyu munsi yahinduwe Igicumbi cy'Ubumuntu, aharangwa amateka yamuranze n'ayaranze izindi ntwari n'abatagatifu muri Afurika no ku Isi baranzwe n'ubumuntu.

Bamwe mu bo Niyitegaka Félicité yahishe n'abo yambukije bagize amahirwe yo kurokoka ibitero byagabwe n'Interahamwe ku wa 21 Mata 1994, bagaragaza ko uyu mubikira yagaragaje ubumuntu kuko yemeye gupfana na bo nubwo Interahamwe zo zari zamwinginze ngo asigare akabananira.

Uretse abarokotse uwo munsi, bivugwa ko Niyitegeka yari amaze iminsi agerageza kwambutsa bamwe mu bo yahishe, abafasha kugera muri Zaire, nyuma yo kubona ko santeri yabahishemo itari igitekanye.

Niyitegeka yahamagaye bamwe mu bantu bari baziranye hakurya y'umupaka abasaba gucumbikira bamwe mu bo yoherezaga, na bwo yatanze ruswa ku mupaka kugira ngo babareke bambuke.

Ku wa 19 Mata 1994, afatanyije na Adria Umurangamirwa na we wari mu bahigwaga, bambukije abagera muri 15, babanje kubasengera babafasha kwambuka banyuze mu kugi ko mu gikari kugeza bageze muri Hôtel des Grands Lacs i Muzizi muri Zaire.



Intwari y'Imena Niyitegeka Felicite ni we wari Umuyobozi wa Centre Saint Pierre

Mu gihe bari bakiri mu byishimo byo kuba hari ababashije kwambuka, ku gicamunsi cyo ku wa 21 Mata, ubwo Niyitegeka yarimo ategura gahunda yo kwambutsa abandi, ni bwo Interahamwe zitwaje imbunda, gerenade, amahiri n'imipanga, birangira zinjiye mu kigo ku ngufu.

Izo Nterahamwe zategetse Niyitegeka gutanga "Inyenzi", ariko yanga kuzumvira azibwira ko abo bitwa Inyenzi ari abavandimwe.

Interahamwe zabinjijie muri bisi ku gahato arabakurikira, ariko bivugwa ko yari yabanje kuvugana na musaza we Col. Alphonse Nzungize amwinginira kuva muri Centre Saint-Pierre mbere y'uko baterwa arabyanga.

Mu ibaruwa yandikiye musaza we, yagize ati: "Nakwemera nkapfa aho gusiga abantu 43 bandi ku mutwe."

Mu bigaragara mu Gicumbi cy'Ubumuntu, hari amafoto atandukanye aherekejwe n'ubutumwa bukubiyemo ibikorwa byakozwe n'intwari zinyuranye muri Afurika no ku Isi ndetse n'abarinzi b'igihango.

Andi mateka agaragara muri icyo Gicumbi cy'Intwari ni aya Mariya Teresa w'i Kalikuta (Mary Teresa Bojaxhiu) mu Buhinde, wagizwe Umutagatifu ku bw'ibikorwa by'ubumuntu byamuranze mu gihe cye.

CHENO ikangurira buri wese gusura iki Gicumbi cy'Ubumuntu

Abaturage bo mu Karere ka Rubavu, no mu bindi bice by'Igihugu, bakanguriwe gusura icyo Gicumbi cy'Ubumungu kigaragaramo n'andi mateka y'intwari zaranzwe n'ubumuntu ku rwego mpuzamahanga, kugira ngo bajye babihererekanya mu miryango yabo.



Umubare w'Abanyarwanda basura Igicumbi cy'Ubumuntu uracyari muke

Twagirayezu Yves, Umukozi w'Urwego Rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta z'Ishimwe (CHENO), yatangaje ko kugeza ubu hakiri imibare mike y'Abanyarwanda basura Igicumbi cy'Ubumuntu bagasanga ari ikibazo kuko bituma batamenya amateka bahererekanya mu miryango, ashobora kuba imbarutso y'ubutwari no ku bandi.

Yagize ati: "Gusura ibicumbi by'Intwari z'Igihugu harimo n'iki cy'Ubumuntu giherereye mu Karere ka Rubavu, ni ingenzi kuko bidufasha gukomeza kwigisha umuco w'Ubutwari mu Banyarwanda. Biradufasha kuko bituma twongera kubibutsa ko indangagaciro dusanga mu muco wacu, n'indangagaciro z'ubumuntu ari ngombwa."

Yakomeje agira ati: "Abantu basura igicumbi cy'ubumuntu hano, baracyari bake ariko turagira ngo tubasabe bajye baza basure, bamenye amateka y'Intwari zacu kandi bizatuma barushaho no kwigisha abana babo."

Twagirayezu Yves yavuze ko mu rwego rwo gukangurira abantu gusura ibicumbi cy'Ubumuntu, batangiye urugendo rwo kwigisha abantu banabasaba kujya bazana n'abana babo gusura Igicumbi cy'Ubumuntu kugira ngo u Rwanda rw'ejo hazaza ruzabe rurimo abazi amateka yarenze Intwari zirimo na Niyitegeka Felecite.

Yasobanuye ko mu Rwanda hari igicumbi kimwe cy'ubumuntu ari cyo giherereye mu Karere ka Rubavu ku mupaka mukuru uhuza u Rwanda na Congo, gisurwa n'abagera kuri 250 na 300 mu gihembwe.

Ati: "Kugeza ubu Igicumbi cy'Ubumuntu gisurwa n'abantu bari hagati ya 250 na 300 ku gihembwe. Uwo mubare uracyari muto cyane dukurikije n'uko twifuza ko Abanyarwanda bamenya amateka yabo by'umwihariko amateka y'intwari z'Igihugu."

Abahasura bahungukira byinshi

Bamwe mu baturage baganiriye na Imvaho Nshya, bagaragaje ko ari ingenzi kumenya amateka yaranze u Rwanda kuko bizajya bibafasha no kwigisha abana babo gusa basaba ko hakomezwa ibikorwa byo kwegera abaturage bo mu cyaro.

Mukabera Marie Rose wo mu Murenge wa Nyamyumba uri mu bahuguwe na CHENO ndetse bagatemberezwa ku Gicumbi cy'Ubumuntu, yagaragaje ko hari n'abandi bakeneye kugira ayo mahirwe yo kumenya amateka y'Intwari.

Yagize ati: "Ni ubwa mbere nari mpageze kandi ntabwo nari nzi ko hari ahantu amateka y'u Rwanda aba ari mu buryo bugaragara. Ikintu ngiye gukora ni ugushishikariza abandi kuza kwirebera no kwiga amateka ku buryo na bo bazabwira abandi bakaza hano."

Sibomana Augustin usanzwe ari Umurezi ku Ishuri rya Kunda Village School ryo mu Murenge wa Nyamyumba mu Karere ka Rubavu, na we usanga ibikorwa byo kwigisha bikwiriye kugera no ku baturage bo mu cyaro kugira ngo babashe gusobanukirwa impamvu zo kuhasura no kuzahazana abana babo.

Yagize ati: "Njyewe nari nsanzwe nzi amateka nigisha, ariko ntabwo nari nzi ko hano mu Karere nkoreramo hari Igicumbi cy'Ubumuntu. Ubwo nabimenye rero kandi nkaba mpura n'abantu benshi batandukanye ngiye gukomeza gukora ubukangurambaga nanjye nsabe abandi kuhaza kandi bazabyishimira."

Igicumbi cy'Ubumuntu giherereye mu Murenge wa Gisenyi, mu Karere ka Rubavu muri Centre Saint Pierre, ikigo cya diyosezi ya Nyundo cyari gishinzwe amahugurwa n'umwiherero w'abungiriza abavugabutumwa "Auxiliaires de l'Apostolat."





# Rutsiro: Binjiza 300 000 Frw mu gihembwe bavuye mu bafashwaga

KWIZERA Jean de Dieu

***Ntawimenya Costasie wo mu Murenge wa Mushonyi, yagaragaje akanyamuneza aterwa no kuba we n'umuryango we baravuye mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe cy'abafashwa na Leta bagaherekezwa ubu bakaba binjiza amafaranga y'u Rwanda 300 000 bari mu bafite aho bamaze kugera.***

Uwo mubyeyi yavuze ko we n'umugabo we bakimara kubana mu 1997 hashize imyaka 3 Leta igahita itangira kubafasha kubera ko bari babayeho mu buzima bugoye, kugeza ubwo bahawe intama mu batishoboye.

Avuga ko nyuma y'aho baje guhabwa iyo intama n'umushinga wafashaga abatishoboye, batangira kuyorora neza, bagashaka ubwatsi bwo kuyiha, irakura, irabyara ibageza ku murima.



Ntawimenya Costasie yikuye mu cyiciro cyabafashwa atejwe imbere n'ubworozi

Yagize ati: "Njye n'umugabo wanjye tumaze kubana, tumaze nk'imyaka 3, Leta yatangiye kudufasha kubera ubuzima bubi twari tubayemo. Nta sambu twagiraga, kubona akazi mu kw'abandi byari bigoye kanaboneka ntibibe kabiri, gatatu. Nashoboraga no kumara icyumweru ntakoze n'umugabo bikaba uko, ugasanga kurya kuri twe no gutekereza ahazaza bitugoye."

Yakomeje agira ati: "Twarayiragiye, irakura, iduha ifumbire, dushaka abo dufatanya duhinga 'tugabane', tukajya dutangira gusarura ibishyimbo n'ibigori mu kw'abandi, tubikesha ifumbire twahabwaga n'iyo ntama kuko yari yarabyaye 5. Ubwo rero nyuma ni bwo twaje kwigira inama yo kuzigurisha mu 2007 tuguramo umurima wadutwaye 300 000Frw gusa ubu ukaba ufite agaciro k'amafaranga arenga 2 000 000."

Ntawimenya avuga ko bafashe umwanzuro wo kwivana mu bazajya bafashwa bakimara kugurisha izo ntama bakaguramo umurima bagatangira guhinga mu kwabo.

Ati: "Nyuma yo kugura uwo murima twahise dufata umwanzuro wo gusaba ko twava mu bafashwa, dutangira guhinga umurima twari twaguze. Twarahingaga twasaruramo 50 000 Frw tukajya kuzigamamo 20 000 andi tukayakoresha mu rugo kandi twanasigaranye ibyo turya. Ntabwo twari tugikeneye gufashwa na Leta kuko twabashaga kubonera umuryango wacu ibyo wari ukeneye."

Yongeyeho ati: "Nyuma yaho ubuyobozi bwaravuze ngo abadafite amatungo maremare, bafite ubushobozi bwo kuyorora kandi batishoboye nibajye kwiyandikisha ku Kagari, nagiyeyo baranyandika mu 2010 baduha inka. Byabaye nko kudutera ingabo mu bitugo kuko twasubiye kuri ya fumbire, inka irabyara turitura ibyara indi tugura umurima twateyemo ishyamba ndetse dukomeza guhinga."

Yagaragaje ko kugeza ubu bitunze n'umuryango wabo ndetse bakaba bafite icyerekezo cyiza bahawe n'iyo nka n'ubwo ngo yaje gupfa izize uburwayi imyaka ibiri ikaba ishize, gusa bakaba boroye ingurube baragijwe nazo zibaha ifumbire bakoresha mu mirima yabo.

Yagize ati: "Kugeza ubu dusarura amateke bakaduhamo 100 000 Frw, duhinga ibigori nabyo bivamo agera ku 140 000 Frw, tugasarura ibishyimbo ntitujya munsi y'amabakure 50 imwe yaba iri kugura 1 200 Frw ubwo akaba nka 60 000 Frw hasigaye ibyo dukoresha mu rugo, ndetse n'aho twateye ishyamba turizera ko mu gihe cya vuba hatangira kuduha amafaranga."

Ntawimenya Costasie, winjiza agera kuri 300 000 Frw mu gihe cy'amezi 3 nyuma y'igihe bafashe umwanzuro wo kwikura mu bafashwa asaba n'abandi bakiri muri icyo cyiciro kukivamo kuko kidindiza.

Yagize ati: "Icyiciro cya mbere twakibayemo dufite ubwoba, tuvuga ngo uwarekeraho gufashwa yapfa, ariko nyuma dufata ingamba zo gukora cyane no kuzigama duhereye ku byo twahawe na Leta. Ubu nasaba abandi bakirimo gutinyuka, bafata bike bahabwa bakabibyazamo amahirwe atuma bifasha kandi bizakunda kuko natwe byarakunze."


Yakomeje agira ati: "Tugeze mu cyiciro cya kabiri ntabwo twari tuzi ko tuzabasha kwiyishyurira ubwishingizi ariko ubu nafashe icyo Leta yampaye ndagikomeza, niyishyurira ubwishingizi mu kwivuza, nkarihira abana 8 ishuri ndetse najye n'umugabo ngo tubure ibyo kurya".

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mushonyi Ntihinyuka Janvier, yabwiye Imvaho Nshya ko bashimira abaturage bahabwa inka bakazifata neza nk'uko umuryango wa Ntawimenya Costasie wabigenje.

Yagize ati: "Nk'ubuyobozi dushimira abaturage bafata neza inka bahawe muri gahunda ya Girinka kugeza tubaherekeje bakava mu cyiciro cya mbere cy'abafashwa nk'uko Ntawimenya Costasie n'umuryango we babigenje."

Yakomeje agira ati: 'Abari muri icyo cyiciro tubafasha kubahuza n'amahirwe yose atugeraho ashobora kubafasha kugira ngo bagire aho bagera n'imiryango yabo kandi hari abo twabonye bafashe umurongo."

Mu mwaka washize wa 2024 na 2025 hatanzwe inka 143 zose zavuye mu zituwe n'abari bazihawe.



Ntawimenya Costasie n'umuryango we ntibahaha ibitoki babikesha ubworozi

# Rulindo: Yafatanywe 605.000 Frw agiye kugura amabuye y’agaciro ya magendu

NGABOYABAHIZI Protais

***Polisi y’u Rwanda ikorera mu Karere ka Rulindo yafashe umugabo wariuje kugura amabuye y’agaciro ya magendu mu Murenge wa Masoro, akaba yari yitwaje 605.000 yagombaga kwishyura bamwe mu bakora ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe.***

Nyuma yo gufatwa ku gicamunsi cyo ku wa Kane, tariki ya 11 Nzeri 2025, hafashwe n’abacukuzi batemewe 11 bari bagiye kumugurisha ibilo 6 bya Gasegereti, na bo biyemerera ko bakora ubucukuzi butagira ibyangombwa.

Usibye ayo mabuye kandi, hanafashwe ibikoresho byifashishwa mu bucukuzi birimo ibitiyo umunani, isuka n’igisongo.

Abafashwe bose uko ari 11 bajyanywe kuri Pitasiyo ya Polisi ya Murambi kugira ngo bakurikiranwe n’inzego zibishinzwe.

Bamwe mu batuye mu Murenge wa Masoro bavuga ko ubu bucukuzi bwa magendu bukomeje kubagiraho ingaruka zikomeye ku buzima n’ubukungu bwabo.

Mukandayisenga Domina yagize ati: “Iyo baje gucukura nijoro bategereje abaguzi babo, batwangiriza imyaka, imirima igasigara imeze nk’intabire. Hari n’abagabo bahetse kugwa mu mwobo bagiye kwiba amabuye ya gasegereti. Ntabwo bikwiye ko amafaranga y’umuntu umwe nawe ukora forode, aruta ubuzima bwacu.”

Niyomugabo Jean Damascène we ashimangira ko abaguzi b’amabuye ari bo batiza umurindi ubu bucukuzi butemewe n’imfu za hato na hato mu birombe.

Yagize ati: “Nta muntu wajya mu kuzimu gucukura amabuye nijoro atazi ko hari umuntu uje kumugurira. Ababa baje kugura ni bo bakwiye gufatwa cyane kuko ni bo batuma ubucukuzi bwa magendu budashira. Twifuza ko inzego zakaza igenzura rihoraho.”

Umuvugizi wa Polisi y’u Rwanda mu Ntara y’Amajyaruguru, IP. Ignace Ngirabakunzi, yasobanuye ko ubu bucukuzi butemewe bushyira ubuzima bw’abantu mu kaga kandi bugateza umutekano muke.

Yagize ati: “Abantu birinde buriya bucukuzi butemewe; kuko bishobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga, ibirombe bikabagwaho cyangwa bakaba bakuramo indwara ziturutse ku kutagira ibikoresho by’ubwirinzi bikwiye. Ikindi, bukurura amakimbirane hagati y’ababukora n’abaturage bangirizwa imirima. Turasaba buri wese kubyirinda.”

Akomeza avuga ko Polisi y’u Rwanda n’izindi nzego z’ubuyobozi zitazaha agahenge buri wese ukora ibikorwa binyuranije n’amategeko Leta y’u Rwanda igenderaho harimo n’ubucuruzi bwa magendu bukorewa mu ngeri zose.

Abacuruza amabuye mu buryo butemewe bahanwa n’amategeko y’u Rwanda, nk’uko Itegeko No 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye ubucukuzi n’ubucuruzi bw’amabuye y’agaciro, ribivuga aho rivuga ko umuntu wese ukora ibikorwa byo gucukura, gutunganya cyangwa kugurisha amabuye atabifitiye uruhushya aba agiriye icyaha.

Umuntu wese uhamijwe icyaha cyo gucuruza cyangwa kugura amabuye yacukuwe mu buryo butemewe ahanishwa igifungo kuva ku mezi 2 kugeza kuri 6 n’amande ari hagati ya miliyoni imwe (1,000,000 Frw) kugeza kuri miliyoni eshanu (5,000,000 Frw), cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Mu itegeko ryongeye kunozwa mu 2024, ibihano ku bacuruza cyangwa abagura amabuye ya magendu byakajijwe ku rwego rushobora kugera ku gifungo cy’imyaka 5 kugeza kuri 10 hamwe n’amande akomeye, bitewe n’uburemere bw’icyaha.



Amabuye ya gasegereti yafatanywe uwari uje kugura muri magendu

# Huye: Agace katwawe n’inkangu kangiza imyaka ihinze mu gishanga



Inkangu iva mu misozi yangiza igishanga gihingwamo umuceri n’ibigori

UWIZEYIMANA Aimable

***Abatuye mu Murenge wa Tumaba mu Karere ka Huye, babangamiwe n’agace kaciwe inkangu imanukana isuri iturutse ku mazi ya ruhurura, ava ku musozi wa Tumba n’aturuka muri kaburimbo, aruhukana isuri mu myaka yabo igapfa.***

Abo baturage bifuza ko ubuyobozi bubafasha gukumira inkangu hatunganywa ahacitse inkangu kugira ngo amazi ajye agera mu gishanga atari ayo kwangiza imya aigihinzemo.

Umwe muri aba baturage utuye mu murenge wa Tumba, avuga ko amazi y’inkangu mu gihe cy’imvura yangiza umuceri n’ibigori biba bihinze mu gishanga.

Ati: “Iriya nkangu iratubangamiye cyane kuko usanga mu gihe cy’imvura cyuzura ku buryo ishobora no gutwara abantu, ndetse kubera ukuntu yuzura ikarengera imyaka twifuza ko ubuyobozi budufasha ikaba yatunganywa, noneho amazi yayo yayoborwa aho kugira ngo akomeze kujya asandara mu gishanga ngo yangize imyaka”.

Mugenzi we na we, avuga ko iyi nkangu nidatunganywa, ubuyobozi buzisanga amazi yaramaze no kwangiza igishanga cya Mamba kuri ubu gitanganyije.

Ati: “Urabona ko iyi nkangu kudatunganywa kwayo amazi agakomeza gusandara mu gishanga, bizarangira gisibamye bigatuma Leta izongera ikagitangaho amafaranga. Muri make usibye kuba itwangiriza imyaka tuba twahinze iri no kwangiza igishanga cyamaze gutungwanywa, ku buryo kuyikora byatanga igisubizo ku gishanga no kuritwe abahinzi.”

Umuyobozi wungirije w’Akarere ka Huye ushinzwe iterambere ubukungu Kamana Andre, avuga ko ikibazo cy’iyi nkangu bakizi bananagikoreye ubuvugizi, hakaba hagishakishwa ingengo y’imari ngo iyi nkangu itunganywe.

Ati : “Iriya nkangu turayizi kuko ihamaze igihe, ubu twamaze kuyikorera ubuvugizi, kuko urabona ko ari nini ikeneye ubushobozi ku buryo ikigo gishinzwe amazi cyamaze kuza kuhasura mu rwego rwo kuhakorera inyigo. Ahubwo icyo nababwira ni ukubabwira ko baba badufashije mu ghe itaratunganywa bakajya bayobya amazi kugira ngo atabamo menshi.”

Aba bahinzi b’umuceri bagaragaza ko usibye kuba umuvo wo muri iyi nkangu ubatera ibohombo, yangiza ibidukikije cyane cyane igishanga cya mamba gifite hegitari zirenga 60 cyamaze gutunganywa Leta yatanzeho akayabo.





# Nyamasheke: Muri 29 bagwiriwe n’urugomero 12 bavuyemo ari bazima



Impanuka y’urukuta rwagwiriye abubakaga Urugomero rw’Amashanyarazi rwa Nyirahindwe I

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Amakuru atangwa n’Inzego z’ubuyobozi bw’Intara y’Iburengerazuba, agaragaza ko mu bantu 29 bagwiriwe n’urukuta rw’urugomero, hapfuyemo umunani, hakomereka icyenda mu gihe abandi 12 bavuyemo ari bazima.***

Iyo mpanuka yabereye mu Mudugudu wa Rwaramba, Akagari ka Bisumo, Umurenge wa Cyato mu Karere ka Nyamasheke ku wa Kabiri tariki ya 9 Nzeri 2025, yatewe n’uburemere bw’urukuta kuko nta byuma byari byubakiyemo.

Bizimana Innocent wavuganye na Imvaho Nshya ari aho byabereye, yavuze ko yari mu kazi ke n’abandi baturage hafi y’uru rugomero, yumva urusaku rwinshi bavuga ngo rugwiriye abarukoragaho, benshi barapfuye, bihutira gutabara.

Ati: “Ni urugomero ruri ku mugezi wa Nyirahindwe utandukanya Akagari ka Murambi n’aka Bisumo mu Murenge wa Cyato, rwubatse mu ka Bisumo. Ugereranije abahakoraga barengaga 60. Hari abari mu gice cy’imbere cyegereye umugezi barimo bagikotera na sima, hakaba ababaherezaga sima n’abasukaga itaka inyuma yarwo ngo ruhure n’umusozi uwegereye ntihabemo umwanya. Bigeze mu ma saa yine n’igice ruragwa.”

Akomeza avuga ko uru rukuta rwa metero hagati ya 25 na 30 z’uburebure na metero 5 z’ubujyejuru rwubakwa na Kompanyi ya DNG Rwanda Limited, rwari rwubakishije amabuye rwose rukaba rwaridutse kuri abo bakozi.

Rwatangiye kubakwa mbere gato ya COVID-19, muri COVID imirimo irahagarara, isubukurwa muri 2022 ikaba yari igikorwa.

Guverineri w’Intara y’Iburengerazuba Ntibitura Jean Bosco, yabwiye Imvaho Nshya ko aya makuru bayamenye bakoherezayo ubuyobozi bw’Akarere ka Nyamasheke n’inzego z’umutekano.

Ati: “Amakuru bahise bampa ni ay’abantu umunani rwagwiriye bahita bapfa na 12 bavuyemo ari bazima, umubare w’abakomeretse wo ntibarawumpa wose kuko bagishakisha ko nta bandi baba bakirimo, banabaza neza umubare w’abahakoraga n’ababonetse ngo harebwe niba nta kinyuranyo kirimo, niba kinarimo abatabonetse hamenyekane aho bari.”

Yakomeje agira ati: “Icyo barimo gukora ubu ni ukureba niba nta bandi baba basigayemo, banakusanye imibare yose tumenye umubare w’abahakoreraga, abari bahari, abaruhunze rukigwa n’abandi cyane cyane ko rwari rucyubakwa. Tunamenye ubushobozi bwarwo bw’amashanyarazi ruzatanga.”

Yihanganishije abahaburiye ababo muri iyo mpanuka, avuga ko bagiye guhumurizwa.

Ati: “Icya mbere cyihutirwa ni ukumenya imiryango y’abahaburiye abayo igahumurizwa, igafashwa gushyingura ba nyakwigendera no kuvuza abakomeretse.”

Yavuze ko mu byo bagiye kugenzura harimo no kureba ko abo bakozi bari bafite ubwishingizi, ati: “Ibikenewe byose ntegereje ko babimpa bavuye mu butabazi kugira ngo dushobore kubikurikirana neza,akantu ku kandi.”

# Nyabihu: Aba mu nzu yubakiwe y’ikirangarizwa gifungishije inzugi z’ubwiherero



Inzu ya Niyizamurerera ikingishijwe inzugi zo ku bwiherero

NGABOYABAHIZI Protais

***Niyizamurerera Olive, utuye mu Mudugudu wa Kivugiza, Akagari ka Rubaya, Umurenge wa Mukamira mu Karere ka Nyabihu, aratabaza ubuyobozi asaba kuzurizwa inzu yatangiye kubakirwa n’Akarere, ariko imyaka igera kuri itanu ikaba itaruzura.***

Uwo mubyeyi w’abana barimo abato, avuga ko kubaho mu nzu ituzuye byabashyize mu buzima bubagoye, aho imbeho, umuyaga, imibu n’udusimba bibatera ibibazo by’ubuzima ndetse n’umutekano.

Yagize ati: “Akarere kansabye gushaka amatafari ndayashaka, banyizeza kuzamfasha kuzamura inzu no kuyimpa ikinze. Ariko bageze hagati badusaba kuyijyamo n’ubwo ibikuta bitari byuzura. Ubu tubayeho nabi, kuko inzugi baduhaye ni izari zagenewe ubwiherero. Umuyaga urinjiramo, imibu iradutera.”

Akomeza agira ati: “Hari n’igihe abajura binjiye mu nzu baranyiba, kuko urabona inzugi ntizifashije, iyo nziritseho n’agatenge bucya nsanga bagakuyeho mbese nibera mu kirangarizwa gishobora gushyira ubuzima bwanjye mu kaga n’abanjye”.

Bamwe mu baturanyi ba Niyizamurera bavuga ko bibatera impungenge kubona umuryango mugenzi wabo warashyizwe mu nzu idatunganye, ikaba ibatera ubwoba ko abana bazahura n’indwara zifitanye isano n’imibereho mibi.

Umwe muri bo yagize ati: “Biratubabaza kubona akarere gashyira abaturage mu nzu zitarangiye, byagera no ku rwego rwo gukinga inzugi z’ubwiherero. Twifuza ko ubuyobozi bwashaka uburyo iyi nzu yuzura, natwe tugatanga umuganda kugira ngo uyu muryango ubashe kubaho neza.”

Ku ruhande rw’Akarere ka Nyabihu, Simpenzwe Pascal, Umuyobozi wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y’Abaturage, yemeza ko koko hari inzu zItaruzura ariko ko hari gahunda yo kuzikurikirana, ndetse anasaba abaturage kugira uruhare mu kuzuzanya n’ubuyobozi.

Yagize ati: “Birashoboka ko hari inzu zimwe zitaruzura, ariko uko ubushobozi buboneka tuzagenda tuzuzuza. Ariko kandi si byiza ko umuturage udafite ubumuga ategereza byose kuri Leta. Niba yarahawe inzugi 2 yakishakamo ubushobozi agashaka izindi, cyangwa agahoma. Ibya ziriya nzugi z’ubwiherero tuzabikurikirana, turebe niba ari byo koko kandi haboneke izagenewe inzu yo kubamo.”

Niyizamurera n’abana be bakomeje gusaba ubuyobozi ko bwababafasha kubuzuriza inzu kugira ngo bave ku kirangarizwa kibateza umutekano muke aho bajya kugiheka bakumva imibu n’ibindi bikoko birimo injangwe n’isiha byabateye mu nzu.

## ITANGAZO RY'AKAZI

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**ADVERTISEMENT OF VACANT POSITION AT UR-HG LTD**

**FRONT DESK OFFICER**

University of Rwanda Holdings Group Limited (UR - HG Ltd) management is a limited company fully owned by University of Rwanda, (UR). Its business activities aim to optimize UR assets for the benefits of University.

The management of UR-HG Ltd is seeking to recruit a motivated and experienced Front Desk Officer to serve in its branches located in Kigali City.
For more details, please visit the UR-HG Ltd and University of Rwanda websites at:
- **https://holdingsgroup.ur.ac.rw/**
- **https://www.ur.ac.rw**

| Position& Grade | Job summary | Key basic requirements | Number |
|---|---|---|---|
| Front desk officers (G-2C) | Handle cash collection and client orientation at front desk | 1. A recognized university degree (A0) in Accounting, Finance, or a related field.<br>2. Ongoing professional certification in ACCA or CPA is an added advantage.<br>3. A minimum of 2 years of relevant experience, preferably within a healthcare facility.<br>4. Candidates must be under 35 years of age. | 1 |

Interested applicants should submit copies of Application letter, C.V, copies of degrees and/or certificates and Identity cards or passports as single pdf by email to: hrurholding@gmail.com, with cc to: ceo.urholdings@gmail.com, fm.urhg@gmail.com , not later than Monday 15/09/2025 at 5:00 p.m. Short listed candidates will be contacted for written test.

**Done at Kigali 09/09/2025**

**UR-HG Ltd**
**Management**

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**TERMS FOR VACANCY POSITION AT UR HG LTD ANNOUNCEMENT**

**Front Desk Officer; G-2 (C)**

**(1) Job definition and description:**

Front Desk Officer' responsibilities include receiving payments and issuing receipts, gift-wrapping packages and keeping track of all cash and credit transactions. Main duties include ringing up sales, bagging items, requesting price checks, honouring coupons, collecting payment and giving appropriate change. She/he is responsible for counting the contents of cash register drawer at the end of each shift, maintaining receipts, records and withdrawals.

**(2) Qualification & experience required:**

He or She should have bachelor degree in finance or accounting, currently pursuing ACCA/CPA (in progress) with 2 years of experience. Candidate must be under 35 years of age.

**(3) Knowledge and Skills Requirements:**
- Work experience as a Retail or in a similar role in sales
- Basic PC knowledge
- Familiarity with electronic equipment, like cash register and POS
- Good math skills
- Strong communication and time management skills
- Customer satisfaction-oriented

**(4) Duties & Responsibilities:**
- Ensure pricing is correct
- Issue change, receipts, refunds, or tickets
- Redeem stamps and coupons
- Count money in cash drawers at the beginning and end of shifts to ensure that amounts are correct and that there is adequate change
- Make sales referrals, cross-sell products and introduce new ones
- Resolve customer complaints, guide them and provide relevant information
- Greet customers when entering or leaving establishment
- Maintain clean and tidy checkout areas
- Keep reports of transactions
- Process returns and check to see if items are damaged
- Answer customers' questions and get a manager if answer doesn't solve the issue
- Pleasantly deal with customers to ensure satisfaction
- Preparation and submission of required reports for company to Accountants/Operations officers.
- Performs any other duties assigned by the finance management consistent with the activities and mission of the company

Interested applicants should submit copies of application letter, C.V, copies of certificates and Identity cards or passports in one pdf document by email to: hrurholding@gmail.com with cc to: ceo.urholdings@gmail.com, fm.urhg@gmail.com not later than Monday 15/09/2025 at 5:00 p.m. Short listed candidates will be contacted for

**Done at Kigali 09/09/2025**

**UR HG Ltd**
**Management**



Abahinzi bifuza gutunganyirizwa urugomero bakabona uko bahinga kubera ko hari aho amazi aba make

# Gisagara: Bakeneye kubakirwa urugomero rubafasha kuvomera imyaka mu zuba

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abahinzi bakorera ubuhinzi bw'umuceri mu gishanga cya Ngiryi giherereye mu Karere ka Gisagara, bavuga ko bifuza kubakirwa urugomero rw'amazi muri iki gishanga, kugira ngo babashe kurushaho kukibyaza umusaruro, bavomerere imyaka by'umwihariko mu gihe cy'izuba.***

Umwe muri abo bahinzi bibumbiye muri Koperative ya Cooprori Ngiryi, avuga ko baramutse bubakiwe urugomero rw'amazi hari ibice by'igishanga basanzwe badahinga byahingwa.

Ati: "Turamutse tubonye amazi hari imirima twazajya duhingamo umuceri kuri ubu tutajya duhinga kubera kubura amazi yo kuvomerera, muri make dukeneye urugomero rwazajya rudufasha kubona amazi ahagije muri iki gishanga, kuko usanga ahari atubana make".

Mugenzi we na we avuga ko mu gishanga cyabo cya Ngiryi bakeneye urugomero rw'amazi rubafasha kuvomerera ibice bitajya bigeramo amazi by'umwihariko mu gihe cy'impeshyi.

Ati: "Amazi mu gihe cy'itumba turayabona yewe rimwe na rimwe agasenya n'ibikorwa remezo, ariko mu gihe cy'impeshyi aba make ku buryo usanga hari ibice tudahinga, kubera kubura amazi ku buryo turamutse tubonye urugomero byadufasha kujya duhinga ibihembwe byose nta kibazo cy'amazi duhuye nacyo."

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Habineza J.Paul, avuga ko gahunda yo gukora urugomero mu gishanga cya Ngiryi ihari itazarenza umwaka utaha itarashyirwa mu bikorwa.

Ati: "Turashimira Leta yacu ku bufatanye na Banki yo mu Bushinwa, kuko inyigo yo gukora urugomero rw'amazi iri kurangira ku buryo umwaka utaha imirimo yo gutangira kurwubuka izatangira, bityo bigafasha abahinzi kubyaza umusaruro mu buryo buhagije igishanga cya Ngiryi."

Muri rusange aba bahinzi bakorera ubuhinzi mu gishanga cya Ngiryi, by'umwihariko bibumbiye muri Koperative ya COOPRPRI Ngiryi, bavuga ko kugeza ubu bitewe no kutagira urugomero rw'amazi muri icyo gishanga, bigira ingaruka zo kuba muri hegitari 145, bagombye kubyaza umusaruro, kuri ubu izo babasha guhinga ari hegitari 80 gusa, bivuze ko hegitari zirenga 65 badashobora kuzibyaza umusaruro kubera ikibazo cy'amazi make.





## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**

Kigali, 11 SEP 2025
Ref N° 2803/SPIU/025

**RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY**
KG 563 St., Queen's Land House
P.O Box 6674
Email: info@rtda.gov.rw
KIGALI

**REQUEST FOR EXPRESSION OF INTEREST**
**(Consulting Services)**
**RWANDA**

**BURUNDI-RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT**
**(BRIDEP)**
**Expression of interest for the study for Assessing Navigable Water Bodies in Rwanda and Develop Inland Water Transport Organization Structure**

Transport Sector
Financing Agreement reference: **LOAN No. 2100150044700**
Project ID No.: **P-ZI-K00-179**

The Government of Rwanda has received financing from "the African Development Fund (ADF)" towards the cost of the BURUNDI-RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT(BRIDEP), and intends to apply part of the agreed amount for this Loan to cover the payments under the contract for **Study for Assessing Navigable Water Bodies in Rwanda and Develop Inland Water Transport Organization Structure.**
The services included under this project are the consultancy services for the above mentioned study within twelve (12) months duration of services.

The consultant shall conduct the study with due diligence and efficiency and in accordance with sound technical, administrative, financial, and economic practices. The consultant shall carry out all responsibilities related to these tasks, making sure to adhere to the best design practices, produce a final product that meets or exceeds the specified standards, maintains the most economical costs, and fully complies with the governing specifications.

Rwanda Transport Development Agency (RTDA) now invites eligible consultants to indicate their interest in providing these services. Interested consultants must provide information indicating that they are qualified to perform the services (brochures, description of proven similar assignments, proven experience in similar conditions, availability of appropriate skills among staff, managerial organization of the firm, brief description on skills and technology transfer, etc., Consultants may constitute joint-ventures to enhance their chances of qualification.

The detailed Terms of reference (TOR) for the assignment are available on RTDA website https://www.rtda.gov.rw.

Eligibility criteria, establishment of the short-list and the selection procedure shall be in accordance with the African Development Bank's *"Procurement Policy for Bank Group Funded Operations"* dated October, 2015, which is available on the Bank's website at http://www.afdb.org.

Interested consultants may obtain further information at the address below during office hours from 9:00 to 17:00 local time on Monday to Fridays.

Expressions of interest must be delivered to the address below by 03/10 **2025** at 17:00 Kigali Time and mention **"Study for Assessing Navigable Water Bodies in Rwanda and Develop Inland Water Transport Organization Structure"**, electronic submission is also allowed.

Attn: Director General
Rwanda Transport Development Agency/Procurement Unit
KG 563St, Queen's LAND House, 1st Floor
Email: procurement@rtda.gov.rw / info@rtda.gov.rw

**Imena MUNYAMPENDA**
**Director General**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**

Kigali, 11 SEP 2025
Ref N° 2801/SPIU/025

**RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY**
**KG 563 St., Queen's Land House, 1st Floor**
**P.O Box 6674**
**Email: info@rtda.gov.rw**
**KIGALI**

**REQUEST FOR EXPRESSIONS OF INTEREST**
**(CONSULTING SERVICES – INDIVIDUAL CONSULTANT (IC)) SELECTION)**

**Country:** RWANDA
**Sector: Transport**
**Project:** Kigali Urban Transport Improvement (KUTI)
**Project ID:** P-RW-J00-006
**Loan No:** 2000300001405

**Assignment Title:** *Consultancy Services for the Technical Assistance for the Traffic Management/Junction Expert*

**1. Introduction**

The Government of Rwanda (GoR) has received funds from the African Development Bank (AfDB), towards the implementation of the Kigali Urban Transport Improvement (KUTI) project and intends to apply part of the funds to make eligible payments under the contract for the Technical Assistance as Traffic management/Junction Expert.

The Rwanda Transport Development Agency as the implementing agency intends to engage a highly qualified individual consultant-Traffic Management/Junction Expert, to provide services as per the Terms of References (ToRs). The detailed Terms of References can be found on the following website of RTDA https://www.rtda.gov.rw

The successful candidate will work closely with RTDA and other relevant stakeholders like the City of Kigali and MININFRA to ensure that the traffic management and other related engineering activities are effectively implemented. Creativity, initiative, analytical capacity and teamwork are therefore required to cope with such diverse demands and actors, which makes working experience in the region desirable. The main challenge is to ensure that traffic control plans adhere to regulations, standards, and guidelines. These may vary depending on the project's location, jurisdiction, and nature. A review process verifies that the plan complies with all applicable local regulations in traffic management of project implemented by RTDA.

2

Eligibility criteria, establishment of the shortlist and the selection procedure shall be in accordance with the African Development Bank's "Procurement Policy for Bank Group Funded Operations" dated October, 2015, which is available on the Bank's website at http://www.afdb.org

Interested consultants may obtain further information at the address below during office hours from 9:00 to 17:00 local time on Monday to Fridays.

**2. Mode of application and application deadline**

Interested candidates are required to apply to the address below not later than **26/09/2025 at 4:00 PM, local time (Kigali Time)**. The applications should be accompanied with their CVs, certified academic and professional certificates in the envelop bearing the title mentioning: **"Traffic Management /Junction Expert."** Forwarded to the address below:

**Attention to: Director General**
Rwanda Transport Development Agency
KG 563 St, Queen's Land House, 1st Floor
P.O Box: 6674, Kigali-Rwanda
Email: **procurement@rtda.gov.rw**

Electronic submissions for the expression of interest as one PDF document are accepted, the applicant should indicate the title of the tender in subject and deadline for submission should be respected.

The applicant should provide: (i) full time contact mail address and mobile phone numbers; (ii) contact details of his/her Clients/Employees in the last 5 years and (iii) names of three referees and their contact mail addresses including mobile phone numbers.

**Imena MUNYAMPENDA**
Director General

# Rev. Past. Rutayisire yashyizwe mu bazigisha mu gitaramo cya Korali Baraka



Korali Baraka bateguye igitaramo bise Ibisingizo batumiramo Rev. Past Dr. Antoine Rutayisire

MUTETERAZINA Shifah

***Rev. Past. Dr. Antoine Rutayisire yatangajwe mu bashumba bazigisha mu giterane cyiswe Ibisingizo cya korali Baraka isanzwe ikorera umurimo w'Imana kuri ADEPR Nyarugenge.***

Ni igiterane kizaba hagamijwe gusingiza Imana cyane ko bakise 'Ibisingizo' bakaba biteguye gutanga umunezero ku bazakitabira kuko bazafatanya n'izindi kolari zikunzwe mu Rwanda.

Mu gutangaza abazitabira bagafasha abitabiriye kurushaho gusabana n'Imana bagira ibihe byiza nk'uko ari cyo kigamijwe muri icyo giterane batangaje ko bishimiye kuzabana n'uwo mukozi w'Imana uri mu bakunzwe mu Rwanda.

Banditse bati: "Ni umunezero udasanzwe kongera kuzumva umwe mu bashumba dukunda Rev.Past. Dr Antoine Rutayisire atuganiriza ijambo ry'Imana muri Ibisingizo Live Concert, igiterane cyateguwe na Baraka Choir ya ADPR Nyarugenge, muzaze twongere gusabana n'umubyeyi."

Baraka ni korali yatangiye ikorera umurimo w'Imana mu itorero rya ADEPR Paruwasi Nyarugenge, itangirana n'abaririmbyi 12, iririmbira mu cyumba cyo mu Cyahafi. Nyuma abayobozi bababonyemo impano, bahise babazamura bajya kuririmbira Nyarugenge ku rusengero batangira gukora umurimo w'Imana bisanzuye mu rusengero.

Icyo gihe, hari mu 1982 aho batangiriye bitwa Chorale Cyahafi, nyuma mu 1996 baza guhindura izina bitwa Baraka. Iyi korali ni iya kabiri muri korali umunani zibarizwa kuri urwo rusengero, kuri ubu ifite abaririmbyi barenga 100.

Uretse kuba Baraka yarateguye ikaba izanataramira abazitabira icyo giterane hari n'andi makorali atandukanye arimo Besalel Choir ADEPR Murambi, Gatenga Worship Team na The Light Worship Team yatumiwe kugira ngo azayifashe gutuma abazakitabira bagira ibihe byiza bitazibagirana.

Biteganyijwe ko igiterane Ibisingizo Live Concert' kizamara iminsi ibiri, kizaba ku itariki ya 4-5 Ukwakira 2025, ku rusengero rwa ADEPR Nyarugenge.



Rev. Past Antoine Rutayisire mu bashumba bazitabira igiterane cya korali Baraka

MUTETERAZINA Shifah

# Israel Mbonyi agiye kumurikira Alubumu ya 5 muri Intare Arena

***Umuramyi Israel Mbonyi, uri mu bakunzwe mu Karere ka Afurika y'i Burasirazuba, yagaragarije abakunzi b'ibihangano aho igitaramo cyo kumurika Alubumu ye ya 5 kizabera, abasaba kuzifatanya na we.***

Umuhanzi wari umaze iminsi ahumurije abakunzi be akababuza gutega amatwi ibyo abamwiyitirira bababwira ko ahubwo vuba azabagezaho Alubumu ya gatanu yamaze kugaragaza aho igitaramo cyo kuyimurika kizabera.



Mbonyi Israel yagaragarije abakunzi b'ibihangano bye aho igitaramo cyo kumurika Alubumu ye ya 5 kizabera

Yifashishije imbuga nkoranyambaga ze Israel Mbonyi yababwiye ko gutegereza birangiye ahubwo bakwiye kwitegura kujya kwishimana na we bakumva iyo Alubumu.

Yanditse ati: "Indamutso kuri mwe muryango wanjye, Alubumu yacu nshya yamaze gutungana, muzifatanye na twe tuzataramane ku wa 05 Ukwakira 2025, mu ndirimbo nshya nyinshi zigize umuzingo wa 5."

Ku butumire yasangije abamukurikira handitseho ko icyo gitaramo kizabera kuri Intare Conference Arena iherereye mu Murenge wa Rusororo mu Karere ka Gasabo.



Mbonyi ni umuhanzi uri mu bakunzwe mu Karere ka Afurika y'i Burasirazuba

Kuri Noheli y'umwaka wa 2022, Mbonyi yanditse amateka yo kuzuza BK Arena mu gitaramo yamurikiyemo alubumu ebyiri "Mbwira" na "Icyambu" yongera kumurika iya kane mu 2024 yise Ndi ubuhamya bugenda".

Mu mpera za 2024, Israel Mbonyi yakoze igitaramo yise Icyambu Live Concert season 3, kuri Noheli y'uwo mwaka, na bwo kitabirwa bidasanzwe.





# Ndikumana yafashije Rayon Sports gutangira Shampiyona Itsinda Kiyovu Sports (Amafoto)



Ndikumana Asman yishimira igitego cya kabiri yatsinze umukino urimo kurangira

SHEMA Ivan

***Ibitego bibiri bya Ndikumana Asman byafashije Rayon Sports gutsinda Kiyovu Sports ibitego 2-0 mu mukino w'umunsi wa mbere wa Shampiyona ya 2025/26.***

Uwo mukino w'ishiraniro wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo ku wa Gatandatu, tariki ya 13 Nzeri 2025 witabirwa n'abarimo Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice n'abandi.

Kiyovu Sports yatangiye neza umukino yiharira cyane umupira hagati mu kibuga ndetse ku munota wa 8 yabonye amahirwe yo gufungura amazamu ku ishoti rikomeye ryatewe na Rukundo Abdulrahman ari mu rubuga rw'amahina, umupira ukurwamo n'umunyezamu Pavelh Ndzila ujya muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 29, Kiyovu Sports yakoze impinduka Bukuru Christophe asimbura Mbonyingabo Regis wari wavunitse.

Kiyovu Sports yakomeje gusatira izamu rya Rayon Sports harimo umupira winjiranywe na Moise Sandja Bulaya bamwe bakekaga ko yaraririye, awutera ku ruhande nyuma y'uko umunyezamu Pavelh Ndzila yari yamaze gusohoka.

Ku munota wa 42, Rayon Sports yafunguye amazamu ku mupira wahinduwe na Tambwe Gloire usanga Ndikumana Asman wari wenyine atsindisha umutwe ujya mu rushundura.

Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports yatsinze Kiyovu Sports igitego 1-0.

Rayon Sports yatangiranye impinduka mu gice cya kabiri, Aziz Bassane asimbura Sindi Paul Jesus.

Rayon Sports yakomeje gukina neza irusha cyane Kiyovu Sports ndetse umupira uri gukinirwa mu kibuga cyayo.

Rayon Sports yongeye gukora impinduka ku munota wa 57, Habimana Yves na Niyonzima Olivier 'Seif' basimburwa na Bigirimana Abedi na Adama Bagayogo.

Ku munota wa 64, Rayon Sports yahushije igitego ku mupira watakajwe ufatwa na Aziz Bassane agiye kuroba umunyezamu James Desire, agwa mu rubuga rw'amahina, Kiyovu Sports ihita ikura umupira ku izamu ryayo.



Abafana ba Rayon Sports bari baje ari benshi gushyigikira ikipe yabo

Iminota 10 ya nyuma y'umukino Kiyovu Sports yagerageje gusatira ishaka igitego cyo kwishyura ariko ubwugarizi bwa Rayon Sports bikomeza guhagarara neza.

Mbere y'uko urangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itatu y'inyongera.

Ku munota wa 90+3, Ndikumana Asman yatsindiye Rayon Sports, atsinda igitego cya kabiri n'umutwe ku mupira wari uvuye muri Konuneri yatewe na Bassane.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Kiyovu Sports ibitego 2-0

itangirana Shampiyona intsinzi.

Indi mikino uyu munsi yasize, Police FC yatsinze Rutsiro FC 2-1, Etincelles FC yanganyije na Gasogi United ubusa ku busa, Bugesera itsinda Gicumbi igitego 1-0 na Mukura VS itsinda Musanze igitego 1-0.

Umunsi wa mbere usozwa kugera ku mukino wo ku Cyumweru, tariki ya 14 Nzeri 2025.

AS Kigali yakira Amagaju saa cyenda kuri Kigali Pele Stadium.

SHEMA Ivan

# Rayon Sports WFC yageze ku mukino wa nyuma wa CECAFA

***Rayon Sports y'abagore ihagarariye u Rwanda, yageze ku mukino wa nyuma w'Irushanwa rya CECAFA ryo gushaka itike yo kuzakina imikino ya nyuma ya CAF Champions League y'abagore, nyuma yo gutsinda Kampala Queens kuri penaliti 4-3 nyuma yo kunganya 0-0 mu minota 120 y'umukino.***

Uyu mukino wa 1/2 wabaye ku Cyumweru tariki ya 14 Nzeri 2025, ubera kubera kuri Kasarani Stadium muri Kenya.

Iminota 120 y'umukino yarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa, hitabazwa za penaliti.



Rayon Sports y'abagore yageze ku mukino wa nyuma w'Irushanwa rya CECAFA nyuma yo gutsinda Kampala Queens penaliti 4-3

Gikundiro yitwaye neza muri penaliti itsinda 4-3, ihita ibona itike yo gukina umukino wa nyuma muri iri rushanwa iherukamo ikavamo idatsinze umukino n'umwe.

Ubuyobozi bw'iyi kipe bwari bwatangaje ko bwayigeneye miliyoni 3 z'amafaranga y'u Rwanda z'uko yageze muri 1/2, mu gihe hari n'andi asaga miliyoni 3 Frw igomba kubona kubera kugera ku mukino wa nyuma.

Iyi kipe irategereza igomba kuva hagati ya Police Bullets yo muri Tanzania na JKT Queens yo muri iki gihugu ziri gukina undi mukino wa ½.

Ikipe izegukana igikombe izahagararira Afurika y'iburasirazuba mu mikino y'amatsinda ya wa CAF Women's Champions League.



Umunyezamu wa Rayon Sports WFC Ndakimana Angeline, yitwaye neza muri uyu mukino

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-30 TARIKI 9-15 NZERI 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yatsinze KMC yegukana umwanya wa gatatu muri CECAFA Kagame Cup 2025



APR FC yaje ku mwanya wa gatatu muri CECAFA Kagame Cup 2025

**SHEMA Ivan**

***APR FC yari ihagarariye u Rwanda muri CECAFA Kagame Cup 2025 yegukanye umwanya wa gatatu, nyuma yo gutsinda KMC yo muri Tanzania igitego 1-0 mu mukino wabereye kuri KMC Stadium, kuri uyu wa Mbere tariki ya 15 Nzeri 2025.***

Ni umukino watangiye utuje ugenda gake amakipe yombi yigana ariko APR FC ikagerageza uburyo butandukanye bw'ibitego bwahushwaga na Mugisha Gilbert na William Togui.

Umukino watangiye ugenda gake amakipe yombi yigana kuko mu minota 20 ntayateye mu izamu.

Ku munota wa 27, APR FC yabonye uburyo bwiza bwo gufungura amazamu ku mupira wazamukanywe na Hakim Kiwanuka ashatse kuwaha Togui William myugariro aratabara akuraho umupira.

Ku munota wa 30, APR FC yatsinze igitego cya mbere ku mupira wahinduwe na Dao Memel ari mu rubuga rw'amahina usanga Rutahizamu Togui William wari uhagaze neza ashyira umupira mu rushundura.

Nyuma yo gutsindwa igitego Al Hilal yagarutse mu mukino itangira gusatira izamu rya APR FC ndetse ibona Koruneri eshatu zikurikiranya ariko ubwugarizi bwa APR FC bukomeza guhagarara neza.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Al Hilal igitego 1-0.

Al Hilal yakomeje gusatira izamu rya APR FC mu gice cya kabiri ndetse ku munota wa 48 yahushije uburyo bwiza bwo kwishyura igitego ku mupira wahawe Birumugisha jean Claude wari imbere ateye umupira ku bw'amahirwe make ujya hanze.

Mu minota 60, Ikipe y'Ingabo yongeye gusatira no kuyobora umukino, aho abarimo Ruboneka Jean Bosco na Memel Dao bageragezaga uburyo butandukanye babonamo igitego cya kabiri.

Iyo kipe yo muri Sudani ntiyacitse intege

kuko ku munota wa 82, Al Hilal yabonye igitego cyo kwishyura gitsinzwe na Abdul Raouf.

Iminota 90 yarangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1 hahita hitabazwa iminota 30.

Al Hilal yatangiye neza Iminota 15 y'agace ka mbere bidatsinze ku munota wa 93' yabonye igitego cya kabiri ku mupira wasubijwe inyuma nabi na Ruboneka Jean Bosco usanga Sunday Damilare wari uhagaze neza ahita aroba Umunyezamu Yvan Ruhamyankiko ujya mu izamu.

Aka gace karangiye Al Hilal yatsinze APR FC ibitego 2-1.

Mu gace ka kabiri, Al Hilal yatangiranye igitego cya gatatu ku mupira wahinduwe na Birumugisha Jean Claude ugarurwa nabi n'umunyezamu Yvan Ruhamyankiko usanga Mohammed Abdelrahman awushyira mu izamu.

Umukino warangiye APR FC yatsinzwe na Al Hilal ibitego 3-1 inanirwa kugera ku mukino wa nyuma wa CECAFA Kagame Cup 2025.

Undi mukino wa ½ urahuza Singida Black Stars na KMC zombi muri Tanzania saa Cyenda z'i Kigali.

Umukino wa nyuma uteganyijwe ku wa Mbere tariki ya 15 Nzeri 2025.



Abakinnyi KMC yabanje mu kibuga



Abakinnyi APR FC yabanje mu kibuga